# Kugaragara kw'Imana Kutamenyekanye

Topeka, Kansas, USA
18 Kamena 1964

1 Noneho, mu gihe iteraniro ari rito, tugiye kugerageza ku-… kwihutira gusohoka, rero dushobora… gukorera iyo ntego yonyine: kukwemerera kumenya Ubwiza bwa Yesu Kristo ko buhari. Murabona? Niba Ari hano, rero icyo gihe, byose biba bikemutse. Yavuze Ijambo. Abeshejwe hano no kurihamya. Ahamya ko Azarihamya. "Uko Yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko Akiri kandi akaba ari na ko Azahora iteka ryose." Twamubonye Abikora ejo ninjoro, bidakuka; turamubona uko bukeye uko bwije, uko umwaka utashye. Nta gihe Yigeze kugira icyo agena, ubwo icyo cyajyaga gusohora, incuro ibihumbi, ngo kibure gusohora mu buryo butunganye uko cyakabaye, ku gihe kandi mu buryo bukwiriye. Byashoboka bite? Ni bangahe babizi, kandi bazi uyu murimo, bakanamenya ko ari ukuri? Turi kumwe. Nta gihe na kimwe, uko ibyo byaba byari ibidashoboka kose. Byasohoraga neza neza mu buryo bumwe. Ni Imana! Kandi iyo aba byonyine twashoboraga kumenya ibyo, tukabigundira.

2 Kandi noneho, dushigaje igihe gito tukiri hano. Ntekereza ko dushigaje amajoro atatu cyangwa abiri n'amanywa amwe, nyuma y'iri joro. Ntekereza ko amateraniro yo gusoza azaba Kucyumweru ku gicamunsi. Tuzagerageza gusoza Kucyumweru ku gicamunsi kugira ngo abashumba n'abandi bose… Ntidushaka kubavutsa insengero zanyu. Turashaka byonyine kugira abo twongera mu rusengero no kubaha ukwizera kuruseho mu Mana mukorera mu rusengero rwanyu, murabona? Kandi ntidushaka ko imiryango y'urusengero ikingwa, habe na busa. Turashaka ko muhaguma, ah'ubwo tugerageza kubafasha, kubatera ishyaka, ububyutse ntibuvuze kongera abantu mu rusengero; ububyutse buvuze gukangura icyo usanganywe; icyo ni cyo ububyutse ari cyo.

3 Igihe kimwe narebaga ku rukombe rw'inyanja, aho urukuta, aho umuyaga wahuhaga, kandi ibyo byanyeganyezaga… Mu by'ukuri! Ntihari ku rukombe rw'inyanja, hari - hari ruguru iriya ku kiyaga cyitwa Michigan. Nari mpagaze, hariya hanze, ndeba imihengeri, uburyo yasubiraga mu mazi, kandi - kandi, yoo, iyo nyanja yarasimbukaga, cyangwa ayo mazi yarasimbukaga, kandi - kandi amato yarateraganwaga. Kandi natekerezaga nti: "Ni iki kibaye?" Natekerezaga nti: "Mu by'ukuri, ikiyaga kiri mu byutse." Ni ibyo. Kirasimbuka kandi cyikivumbagatanya, bitewe n'iki? Hari umuyaga w'imbaraga kandi w'igihuhusi ukimanukiramo. Natekerezaga nti: "Ni byiza, mwaba muzi ibyo ari byo?" Nta gatonyanga k'amazi na kamwe kaba kiyongereye ku yari ari mu kiyaga ubwo cyari gituje. "Nta mazi yiyongereye muri cyo. Byonyine kiribiranduye. Sawa, noneho, ni iki kikibirandura?" Mwaba muzi icyo kwibirandura kw'amazi gukora? Ibyo bivanamo imyanda yose maze bikayijugunya ku nkombe.

Ibyo ni byo dukeneye, kozwa ukutizera, ku nkombe. Nimuhe Ijambo ry'Imana umwanya wa mbere. Icyo ni cyo dukeneye, ububyutse bwo kutumaramo kutizera, n'udusimba twose, ubukonikoni, n'ibyo bintu byose. Nimusohoke kandi mubone ko Imana izahora ari Imana. Ni yo mpamvu dufite ububyutse.

4 Uwiteka adufashe mu gihe duhitamo iyi mirongo y'Ibyanditswe ngo tuyisome muri uyu mugoroba. Uwiteka ahe umugisha isoma ry'Ijambo Rye, riri muri Matayo Wera, mu gice cya 12:38-42.

Kandi umutwe w'igisomwa cyanjye muri uyu mugoroba ni: KUGARAGARA KW'IMANA KUTAMENYEKANYE. Ejo nimugoroba, twavugaga kuri Yesu Kristo ko "Uko Yari ari ejo, n'uyu munsi ari ko Akiri kandi akaba ari Azahora iteka ryose." Kandi twabonye ko uko Yari ari ejo n'uyu munsi ari ko Akiri akaba ari na ko Azahora iteka ryose. Noneho, kuba mu Bwiza Bwe, niba Adahinduka, nta wabimenye.

Dusome:

> *Ni uko bamwe mu banditsi n'Abafarisayo baramubaza bati "Mwigisha, turashaka kureba ikimenyetso kiguturukaho." Na we arabasubiza ati Abantu b'iki gihe kibi bishimira ubusambanyi, bashaka ikimenyetso ariko nta kimenyetso bazahabwa, keretse icy'umuhanuzi Yona. Nk'uko Yona yamaze iminsi itatu mu nda y'urufi, ni ko n'Umwana w'umuntu azamara iminsi itatu n'amajoro atatu i kuzimu. Ab'i Nineve bazahagurukana n'ab'iki gihe ku munsi w'amateka, babatsindishe kuko bihannye ubwo bumvaga kwigisha kwa Yona, kandi dore uruta Yona ari hano. Umugabekazi w'igihugu cy'i kusi azahagurukana n'ab'iki gihe ku munsi w'amateka abatsindishe, kuko yavanywe ku mpera y'isi no kumva ubwenge bwa Salomo, kandi dore uruta Salomo ari hano.*

5 Kuba mu Bwiza bw'Imana utabizi! Ni iki abo bantu bashoboraga gutekerezaho? Imana yahoze… ibyo ni uko byahoze uko Yazaga kose. Ubwo Yesu yari hano ku ncuro ya mbere, Yavuze ati: "Mwebwe - musiga ingwa kandi mugataka inkuta n'imva z'abahanuzi, kandi ari mwebwe mwabishe." Murabona, hari ikiba, kandi kikarenga ari nta umenye ko cyabaye. "Kandi Imana ibihisha amaso y'abanyabwenge n'abashakashatsi, maze Ikabihishurira abana bashaka kumenya." Yesu yashimiye Data wa twese kuba yaragenje atyo. Murabona, ibyo binyura hafi cyane y'abantu, ariko ntibababimenye.

Urugero, mwbwe Abagatolika muri hano muri uyu mugoroba, mwaba mwibuka, hashize imyaka mike, Jeanne d'Arc mu Bufaransa, umugore mugufi mu by'ukuri wari… yari arangaje imbere y'abari mu mpinduramatwara mu Bufaransa, ariko yari umuja wa Kristo by'ukuri. Ni iki idini ryanyu ryamukoreye?

Ryamutwikiye ku gishyito nk'umurozikazi, kuko yabonaga amayerekwa kandi akaba umunyamwuka. Idini gatolika ryamutwikiye ku gishyito nk'umurozikazi, kuko yari umunyamwuka kandi akabona amayerekwa. Imyaka mike yakurikiyeho, bamenye ko uriya mugore yari uwera. Rero, nta shiti, mwaricujije bikomeye: mwataburuye imibiri ya bariya bapadiri bari baramuciriyeho iteka bakanamutwika maze muyijugunya mu mugezi. Nta gushidikanya, mwaricujije bikomeye ku bw'ibyo, muzura imibiri ya bariya bapadiri.

6 Noneho, mu bihe by'abahanuzi, ni ibiki bybaye? Bakoze bimwe. Ntibabamenye kugeza aho baziye, kugeza aho barangirije umurimo wabo, bamaze kubakuramo Intore; hanyuma aho bamariye kugenda, ni bwo bamenyaga ko hagati muri bo hari umuhanuzi.

Yesu, Yaje mu isi… Imana Data yari muri We. "Njye na Data turi Umwe. Data aba muri Njye. Si Njye ukora imirimo, ah'ubwo ni Data uyikora. Kandi ni ntakora imirimo ya Data. Mwe kunyizera." Noneho, niba mwitegereza, ubwo Yazaga, nka kimwe cya mirongo urwenda cy'abatuye isi ni bo bonyine bamenye ko Yari mu isi kiriya gihe, kandi ari We Mukiza w'isi. Kandi rero, ntibari barigeze bamenya uwo Yari we, n'itorero cyangwa undi wese, kugeza aho bamubambiye, bakamuhamba, maze Akazuka ku munsi wa gatatu, bataramenya Uwo Yari we.

7 Biraza bikarinda bigenda, abantu batabimenye, kugeza birenze; kuko ari nta ho biteze guhurira na tewolojiya yabo… Nta ho biteze guhurira n'igihe cy'umunsi. Murabona ibyo ari byo, bahora batuye mu kurabagirana kw'ikindi gisekuru.

Impamvu batakiriye Yesu, ni uko bari munsi yo kurabagirana kw'Amategeko. Kandi ubwo Yesu yazaga, nta bwo Yarwanyaga Amategeko, ah'ubwo Yari yarazanywe no kuyasohoza, mu by'ukuri, ntibashoboraga kumwakira, kuko Ubutumwa Bwe butari buhuje neza neza n'amahame yabo, kandi ibyo babyitaga imihango. Kandi ba-… Nta bwo Yaje mu buryo bari bamutegerejemo. Nta gaciro Yahaye imihango yabo. Kandi mu by'ukuri, Yarabashenye, kandi akora ibihabanye n'imihango yabo, ku buryo batekerezaga ko Yaremega ibice mu Matorero. Kandi ntibashoboraga kumwakira kubera Ubutumwa Bwe. Kandi tuzi neza twese ko Yaje mu murongo w'Ubuhanuzi bwa kimana, ariko nta byo bari bazi kiriya gihe.

Kandi biriya byashobora kongera kuba, kandi nta byo twamenya. Ntekereza ko Abaye ahingutse by'ukuri muri iri joro, byaba bihabanye n'ibyo dufite twese… twashushanije twese ku makarita yacu, no mu mashuri yacu n'ibindi. Haboneka bake bamenya ibiriho biba. Yavuze ko ari uko byajyaga kugenda, uburyo Azazamo.

8 Noneho, Yesu ari aho, Agaragajwe n'Ibyanditswe, n'abanditsi n'Abafarisayo ba kiriya gihe ntibashoboraga kumumenya. Babibuzwaga n'iki? Kuki batashoboraga kubikora? Kuko bari baramwishushanirije mu bundi buryo. Ni bwo Yesu yababwiraga ati: "Mucukumbura mu Byanditswe kuko muzi ko ari Ho hari Ubugingo bw'Iteka, kandi ni Byo bimpamya." Murabona? Noneho, Yaje neza neza nk'uko Ibyanditswe byamushushanyaga. Ariko bari barishushanirije ko wenda, Aramutse aje, Mesiya yajyaga gukora nk'ibyakozwe na Mose, cyangwa ibyakozwe na Nowa; kububakira inkuge cyangwa ikindi. Ariko, impamvu Yaje muri buriya buryo, byarabatunguye; kuba mu Byanditswe n'imihango yabo, ibyo ntibyabigishije; rero abantu bari mu gihirahiro ku buryo batari bazi ibyabagaho.

Ndibaza niba ibyo byashobora kuba none. Ndibaza niba ibyo byashobora kuba bitandukanye n'ibyo imihango yacu yatwigishije. Kandi ibyo byashobora kuba, kandi hari icyashobora kuba hagati yacu ndetse ntitunabimenye, kugeza ubwo bimaze kuba, hanyuma bikarangira. Ni uburyo bwenda gushushanya ubwo bizasohoreramo.

9 Mwaba muzi ko, ubwo Yohana Umubatiza yinjiraga mu rubuga, byari byaravuzwe mu Gitabo cya Yesaya cyose, imyaka amagana mbere? Ntekereza ko Yesaya yahanuye nko mu myaka magana inani, mbere yo kuza kwa Kristo. Mwaba muzi ko Yohana yaje neza neza mu buryo Yesaya yari yaravuze ko yajyaga kuzamo, yaje neza neza nk'uko Malaki yavuze ko yajyaga kuzamo, ndetse n'abigishwa bakaba bataramumenye? Igihe kimwe, muri Matayo 11, Yohana yari muri gereza - kandi intumwa, bamwe mu bigishwa be bajya kubaza Yesu niba Yari Uriya, cyangwa -cyangwa niba baragombaga gutegereza undi.

Noneho, mwitegereze, Yesu nta bwo yabahaye igitabo cy'uburyo bwo kwitwara, uburyo bitwara muri gereza, cyangwa uburyo wayobora imico yawe. Yavuze ati: "Nimugume hano maze murebe ibiba, maze mujye kwereka Yohana ibyo mwabonye." Ibyo byari igihamya ko… Yari iryo Jambo.

10 Kandi noneho, mwibuke, Ijambo rihora riza ku muhanuzi. Turabizi twese. Imana nta cyo Ikora itabanje kucyereka abahanuzi Bayo. Ni yo mpamvu Igitabo cy'Ibyahishuwe ari umwuzuro wa Kristo mu buryo butunganye hano imbere yacu, Igitabo. Noneho, Igomba kuzagira uwo Yohereza ngo ahamye icyo Gitabo, kugihishura, kubumbura Ibimenyetso n'ibindi. Ariko ku birebana no guhishukirwa Kristo mu buryo buruseho, bimaze kwemerwa hano nyine. Ni We Mwuzuro w'Ibi, wo Guhishurirwa.

11 Noneho, mwitegereze, ntibiteze kunanirwa, ariko Ijambo riza ku muhanuzi. Mwitegereze Yohana ahagaze mu mazi, umuhanuzi, avuga ko Mesiya yari ari aho hagati muri bo. Avuga ati: "Hari Uhagaze hagati muri mwe none aha, mutazi; Azababatirisha Umwuka Wera n'Umuriro." Noneho, mwibuke, Yari

ahagaze hagati muri bo, byavuzwe na Bibiliya, ariko ntibamumenya. Igihe kimwe, ubwo Yesu yamanukaga, Yohana yaramumenye maze avuga ati: "Nguyu Umwana w'intama w'Imana ukuraho icyaha cy'abari mu isi." Noneho, murebe, mbere y'uko Agira umumenya, Yaje ku muhanuzi. Yari Ijambo. Yohana yari umuhanuzi.

12 Ndibuka umwigisha wanjye wa kera w'umubatisite wambwiraga, yavugaga ati: "Mwaba muzi ibyari byabaye?" Avuga ati: "Yesu yabatije Yohana." Mvuga nti: "Sinemeranya na we."

Avuga ati: "Nta shiti, Yohana ntiyigeze abatizwa; yaje abwiriza, abatiza, nta n'umwe wari ukwiriye kumubatiza, Yesu aba ari We umubatiza." Mvuga nti: "Nta byo nzi."

Maze igihe kimwe mu gihe cyo kwiga Ibyanditswe, Mwuka Wera abihishura atya. Murabona? Murebe, ava mu mazi; avuga ati: "Ni iki kiguteye kunsanga? Nkeneye kubatizwa na We." Yesu amusubiza ati: "Emera umbatize kuko bidukwiye gusohoza gukiranuka kose." Yohana nk'umuhanuzi, azi Ijambo. Igitambo Yari cyagombaga kubanza kuhagizwa amazi mbere yo gushyikirizwa umutambyi; ni bwo Yabatizwaga na Yohana, kuko "Bikwiye ko dusohoza gukiranuka kose." Ijambo riza ku muhanuzi, mu mazi.

13 Rero, ubwo Yabatizwaga, abantu bari batara-… Maze Mwuka Wera aramanuka, mu buryo butagaragariye bose, Yabonywe na Yohana.

Marayika w'Umwami Imana yashobora kuba ari hano muri uyu mugoroba, kandi wenda umuntu umwe yamubona, wenyine.

Uwo Mucyo, iyo Nyenyeri yaciye hejuru ya buri kigo cy'ubushakashatsi, aho ba banyabwenge bakurikiraniraga; nta kigo cy'ubushakashatsi na kimwe cyagize icyo kibimenyaho, nta undi wayibonye, habe na busa, ariko bariya banyabwenge, kuko bari barahawe kuyibona, barayibonye. Yari Ibabereye icy'ukuri.

Ubwo Umucyo, Inkingi y'Umuriro ijugunya Pawulo hasi mu nzira ijya i Damasiko, amenya ko yari ari mu Bwiza bw'Imana. Noneho, uwo Muheburayo ntiyashoboraga kwita undi mwuka uwo ari wo wose ati: "Mwami". Ikimenyimenyi, yari azi ko yari ya Nkingi y'Umuriro yari yarayoboye ubwoko bwe bambuka ubutayu. Avuga ati: "Uri Nde Mwami?" "Sawuli, Sawuli, undenganiriza iki?" Avuga ati: "Ndi Yesu."

14 Yesu avuga ati: "Navuye ku Mana kandi Nsubiye ku Mana." Yari wa Muriro wari mu gihuru cyagurumanaga, Uwayoboye Mose mu butayu, kandi Yasubiye muri iyo Shusho.

None ubu, nguyu mu nzira ijya i Damasiko, yanyukanyukiwe hasi. Kandi abantu bose bari bamushagaye ntibigeze babona iyo Nkingi y'Umuriro. Kandi Byafatikiraga cyane Pawulo ku buryo Byamuhumye, maze bakamurandata kugeza mu nzira yitwa Igororotse, i Damasiko. Yari impumyi.

Ananiya, umuhanuzi, hariya, yabonye mu iyerekwa, yaragiye maze amurambikaho ibiganza, yakira Mwuka Wera, maze imboneranyi zirahunguka zimuva ku maso hanyuma ashobora kongera kubona. Byari bimubereye ibifatika ku buryo byamuhumye, kandi hagati aho, nta n'umwe mu bari bamugaragiye wamenye ko Yari ari aho, ntibashoboraga kumubona.

15 N'ubu-n'ubu ni ko bimeze muri uyu mugoroba! Hari umuntu umwe, wiyicariye hariya, ushobora kuzana Imana mu rubuga, naho abandi ntibagire icyo barabukwa. Murabona, kumenya Imana!

Kandi Yesu, ubwo Yari ari hano mu isi, kandi Amaze gusohoza Ikimenyetso BIbiliya yari yaravuze ko Yajyaga gukora; ntibyababateye kumumenya, kuko bitari bihuye n'imihango yabo. Ku bwa kiriya gisekuru, Ntiyagombaga kuza ngo Akore ibyari byarakozwe na Mose. Yagombaga kuza kandi Akabyarwa n'umwari. Kandi Ya-… kandi dushingiye ku Gutegeka kwa kabiri 18:15, Yagombaga kuba ari Umuhanuzi. Kandi Yakoze neza neza iriya mirimo na biriya bimenyetso.

Abayuda bahoraga bashakisha ibimenyetso. Ni uko bigishijwe, kutigera bagendera ku mbwirwaruhame za kinyamashuri; Abayuda bari bazi neza ibirenze ibyo. Abagiriki barabyigishaga. Ariko nta mbwirwaruhame za kinyamashuri, ah'ubwo ku bimenyetso. "Twereke ikimenyetso." Abo bantu, umwe yavuze ati: "Rabbi, cyangwa Mwigisha, twereke ikimenyetso." Bashakaga kumenya. Kandi Yari yaramaze kubereka Ikimenyetso, none bashakaga ubundi buryo bw'ikimenyetso, ariko Yashoboraga kubereka Ikimenyetso cya kiriya gihe cyonyine.

16 Ni byo Agikora na none. Uku gucuncumurwa kwa Mwuka Wera ni cyo Kimenyetso cyo kutubonekera Kwe, muri iki gisekuru, nk'uko Yasezeranye.

Bashaka ikimenyetso. Kandi Yabahaye Ikimenyetso cy'Ibyanditswe, ah'ubwo bagashaka ikimenyetso gitandukanye.

Ni aho abantu benshi ba none bagiye kurindagirira. Murabizi, Izamurwa rishobora kuba, kandi mutekereze akababaro k'ibyo. Hinga nsubire aho Yesu, aho…

Yohana yohereje abigishwa be kureba Yesu, niba Yari We Mesiya cyangwa Atari We. Icyo gihe, Yakoze ibintu byinshi. Ubwo abigishwa batandukanaga na We, ngo babwire Yohana ibyo bari babonye, Yesu yabwiye abari bicaye aho. Avuga ati: "Ni iki mwagiye kureba mu butayu? Ni iki mwagiye kureba ubwo Yohana yariho abwiriza? Mwaba mwaragiye kureba umuntu wambaye imyenda y'ibitare, n'ibindi, cyangwa imyenda y'igiciro?" Avuga ati: "Ni aba-… mu ngoro z'abami. Bahamba abapfuye, kandi bagasoma impinja, kandi bagashyingira abato, n'ibindi, ni ibyo. Ntibazi uburyo barwanisha inkota amaboko yombi."

Avuga ati: "Ni iki mwagiye kureba? Urubingo ruzunguzwa n'umuyaga", ni hagira umuntu cyangwa itsinda rimuha udufaranga twisumbuye, azamukurikira aho kwitaba umuhamagaro w'Uwiteka? Yohana ntabarizwa muri abo! Hari uwamuyobya amubwira ati: "Turaguha ibiruseho ni wihakana Ibi cyangwa biriya"? Yohana ntabarizwa muri abo! Avuga ati: "Ni iki mwagiye kureba, umuhanuzi?" Avuga ati: "Mbabwiye nti: arenze kuba umuhanuzi! Kandi niba mushobora kumwakira, ni we umuhanuzi yavuzeho ati: Dore, Nohereje integuza imbere Yanjye, izategurira inzira." Kandi ni muri Malaki 3 Yabikoreye.

17 Igihe kimwe abigishwa bamubajije bati: "Kuki abanditsi bavuga ko Eliya agomba kubanza kuza"? Yesu abasubiza ati: "Yaraje ntimwabimenya." Hanyuma basobanukirwa ko yari Yohana Umubatiza. Ziriya ntore z'intumwa ntizashoboraga kubona uwo Yari we. Yari we Eliya wavugwaga.

Noneho, murebe. Mwaba mubizi? Ukuza k'Umwami kuzaba ari ukuza ko mu ibanga. Avuga ati: "Ababiri bazaba bari mu gitanda maze umwe agende undi asigare." Iryo ni ryo joro. "Ababiri bo mu murima, umwe azagenda undi asigare."

Mwaba mubizi, hari abantu benshi, bapfa buri munsi ku isi, ku buryo ari nta washobora kubabara. Igihe kimwe, wabona hari abavuze bati: "Sawa, waba ushaka kuvuga ko imibabaro, yatugezeho ubungubu? Natekerezaga ko Itorero ryakagombye kugenda mbere y'imibabaro." Nta byo bazi kandi ntibasobanukirwa ko Izamurwa ryashobora kuba ntibabimenye. Ni igenda mu ibanga ry'Itorero.

18 Kandi mubitekerezeho. Abantu bazakomeza kubwiriza, bavuga ko bizera ko bakijijwe, kandi bongerwa ku itorero kandi bubaka insengero kandi bakomeza batyo nk'uko babigenje igihe cya Nowa, n'ibindi, kandi batabizi. Kandi Izamurwa rizaba ryarabaye. "Ryamaze kuba ntimwabimenya." Amagana y'abantu baburirwa irengero mu isi abantu ntibamenye aho bagiye, ntibagishobora kubabona. Hari uwagiye ahantu hamwe. Ntibateze kongera kumva aho bavugwa. Kandi ibyo bishobora kuba Izamurwa.

19 Ndababwira, ncuti, byonyine kuko turi bamwe mu bagize urusengero, cyangwa ikindi gisa n'icyo, ibyo nta cyo bitubwiye. Mwari mukwiye kwihambiriraho iki cyikingizo. Mwari mukwiye gufata iri Jambo ry'Imana uko Ryakabaye maze ukaritsimbararamo, hanyuma ukareka gukorera hano nk'uko Hollywood igenza. Byinjiye mu rusengero, kandi biteye isoni. Ariko Hollywood irashashagirana; itanga umucyo utera ibishashi, kandi itorero rya none rigerageza kwigereranya na Hollywood. Kristo ntari muri Hollywood. Kristo ari mu muntu. Hollywood irashashagirana mu gihe Ubutumwa Bwiza bumurika bwiyoroheje. Imana nta bwo iri aho hantu heza kandi hanogerejwe n'ibyo bintu byose tubona. Iza Yiyoroheje, mu ishusho yo guca bugufi n'ubugwaneza, maze Ikanyura rwagati muri twe.

Kandi niba muzi Ijambo, muzayibona. Ufite ugutwi, niyumve icyo Mwuka abwira amatorero, murabona.

20 Noneho, noneho uyu munsi, Icyamenyekanye… Yimenyesheje neza ku bizera kiriya gihe, abamushakaga. Murebe Petero na Andereya. Murebe Natanayeli, nta kibazo cyari mu bitekerezo bye. Murebe wa mugore wo ku iriba, nta kibazo cyari muri ibyo.

Ariko bariya Bafarisayo, iminsi mike mbere, aho igisomwa cyacu cy'uyu mugoroba kiri, bamubonye Abikora maze bamwita "Belizebuli, dayimoni." Imirimo yari yarakozwe. Bagombaga kugira icyo bamenyesha amadini yabo, rero ikintu kimwe rukumbi bashoboraga gukora cyari ukwita Icyo "umwuka mubi". Belizebuli ni dayimoni, nk'umupfumu cyangwa ikindi. Kandi nta utazi ko ubupfumu ari ubwa Satani. Kandi bariho baragereranya, aho Yari Ijambo ryari rizi amabanga y'imitima kandi Yari ariho yerekana ko Yari wa Muhanuzi twagombaga guhagurukirizwa none, Umuhanuzi-Mucunguzi; kandi ubwo Yakoraga ibyo, itorero rya kiriya gihe ryamwise "Belizebuli".

Murabona icyo bari cyo? Avuga ati: "Muri impumyi zirandase izindi." Ntibazinjira kandi ntibazemerera abari munsi y'ubutware bwabo kwinjira.

21 Icyo dushaka gukora none ni ugushaka Ukuri. Tugomba kumenya Ukuri. Yaba Adahinduka? Yaba Ari hano ngo Asohoze ibyo Yasezeranye ko Yajyaga gusohoza? Nimucukumbure mu Byanditswe maze mubone ibyo Yakabaye akora none.

Ni yo mpamvu John Wesley… Cyangwa Maritini Luteri, atashoboraga gukomezanya n'Ubutumwa bwa Wesley; bashinze idini. Ntiyashoboraga kurenga aho. Rero, haje Luteri, asohotse mu idini Gatolika, kuri bo yari umuntu udasobanutse, ariko yari afite Ubutumwa bwo gutsindishirizwa kuko byari Ijambo ry'Imana, Isezerano. Rero, bo, nyuma y'urupfu rwe, bashinze idini ry'Abaluteriyani. Hanyuma ibyabaye, ni uko ibyo byongeye kwizingitiranya.

Kandi dushingiye ku Byanditswe, hari ikindi gisekuru cy'Itorero cyagombaga guhaguruka. Kandi ubwo byameraga bityo, Itorero rya Filadelifiya ryarahagurutse, John Wesley. Kandi ibyari byabaye, bikomeza kugana i Burengerazuba buri gihe. Kandi ubwo ibyo byababagaho, hari igisekuru cy'Itorero, kandi John Wesley yarahagurutse, ariko Luteri ntiyashobora kwakira ibyo kuko bari baramaze kuba idini ku Itsindishirizwa. Ntibashoboraga kwemera Ukwezwa.

Rero ubwo Abawesileyani bahindukaga idini, kandi bagacikamo udushami, tukaba… ni bwo haje Ubutumwa bwa Gipantekote bwo Kugarurwa kw'Impano; nta n'umwe wo muri bo washoboraga kujya mbere, bari baramaze guhinduka idini.

22 Noneho, ikibabaje, ni uko Abapantekote bahindutse idini batyo.

Nimurebe igihe turimo, ni iki iki gihe cyasezeranijwe. Tugeze he? Twateye agatambwe. Inkingi y'Umuriro ikomeje kujya imbere, kandi abana ba Isirayeli bakomezanyaga n'Inkingi y'Umuriro, cyangwa bagasubira mu Egiputa. Tugomba gukomezanya n'Ijambo.

Kandi uyu munsi duhindutse abanebwe! Itorero rihindutse iry'isi no kutagira icyo ryitaho, none ibitekerezo byabo byayobejwe na televiziyo, na “We love Suzy” [“Dukunda Suzy”, filimi y'uruhererekane y'inyamerika.-U.I] na buriya buryo bw'imisazirwa, kandi baguma i muhira. Bigaragaza aho imitima y'abantu ihereye. Ushobora kubabwira ko ibyo bintu atari byo maze bagatekereza ko wasaze. Ni ibiki? “Abantu bikundira ibibanezeza kurusha uko bakunda Imana.” Murabona?

Yoo! Ikinezeza gihebuje ibindi namenya ni ugusenga kugeza ubwo mbasha kubona ko ndi mu Bwiza bw'Imana, kandi nkabimenya. Ntekereza ko ibyo byakagombye kuba uguhimbarwa kw'Itorero, ni ukuhaba kwa Mwuka Wera, kubona ya Mana yatanze Isezerano ihagaze rwagati muri twe, twumva Ubwiza Bwayo tukanabona Ijambo Ryayo, kandi tukabona Rihamijwe. Ibyo byakagombye gutanga ukwizera guhagurutsa ibirema, guhumura impumyi, kukazibura ibipfamatwi kukanavugisha ibiragi.

23 Nari mpagaze muri Afurika y'Epfo aho nari mfite abantu nka 200.000 mu kibuga cy'amasiganwa y'abiruka mu murwa wa Durban, kandi ubwo babonaga ibi bisohora kuriya, nyuma yo kubibasobanurira mu magambo make; kandi babonye ibyari byarahishutse bisohora, maze abantu 25.000 bakirira uburwayi bwabo icyarimwe. Bafashe ibikamyo bya ruvakwaya birindwi, ibikamyo binini by'inziga 6 na 18, maze babipakira imbago zishaje n'ibindi; abapagani batazi gutandukanya ikiganza cy'iburyo n'icy'ibumoso…

Kandi umunsi ukurikiye, Bwana Sidney Smith, meya w'umurwa wa Durban, yarampamagaye maze ambwira ati: “Jya mu idirishya ryawe, hanze aherekeye Inyanja ya Indiani; uri bubone ikintu kimwe utigeze kubona.” Kandi kari akarasisi ka polisi izanye na bya bikamyo bipakiye imbago, n'amagana y'abantu babiherekeje, abo bantu, bari baraye mu ngobyi, none barariririmbaga bati: “Izere gusa, byose birashoboka.”icyumweru mbere, bari mu ntambara bamashana hagati yabo, intambara y'isubiranamo ry'abaturage. None bagendaga bafatanye urunana.

Ni ukubera iki? Bamenye ko Imana yo mu Ijuru yari yarababonekeye mu ishusho y'Ijambo Ryayo. Kandi twebwe, abanyamashuri b'Abanyamerika, turicara. Bazahaguruka ku munsi w'Urubanza iki gisekuru ku bw'ibyo twabonye.

24 Ibyo binyibukije umugore i Louisville, Kentucky, nta gihe gishize, wari ufite umwana muto, yagendaga mu iduka Monoprix [ten-cents store, mu cyongereza, bisobanura iduka ry'amashami menshi y'umwimerere agendera ku giciro kimwe ku itsinda runaka ry'ibicuruzwa.-U.I.] Kandi hari utuntu yakoraga, agerageza kutumwereka, ariko wa mwana akirebera ahandi. Kandi ku iherezo, atoragura akayogera, ikintu runaka cyakagombye kuba gitera umwana muto nk'uwo kucyitaho, maze azunguza ka kayogera hanyuma wa mwana akomeza kwirebera imbere ye. Hanyuma wa mubyeyi atangira kuboroga maze yitura hasi. Kandi abantu bake baje kumufasha. Avuga ati: “Yoo oya! Ntibishoboka! Ntibishoboka!” Babaza bati: “Ni ibiki?” Avuga ati: “Muganga yavuze ko umwana amaze gukira.” Babaza bati: “Umwana afite kibazo ki, wa mugore we?”

Avuga ati: “Sawa, hashize nk'amezi atandatu ahinduwe none yicaye hariya, areba adahumbya. Icyakabaye gikurura uwo mwana, ntikimukurura, none yigumira hariya, adahumbya. Muganga yambwiye ko yatekerezaga ko atangiye gukira. Kandi namumanuye hano, ngo atoragure utuntu twakabaye dukurura uwo mwana, ariko ntibimukurura. Aguma yicaye hariya adahumbya.”

25 Ni bwo buryo itorero ryitwayemo. Imana yanyeganyeje buri Sezerano muri Bibiliya imbere yabo. Nyamara, tuguma twicaye hariya tudahumbya, tureba. “Iki?” Twereke ikimenyetso, waba ubishaka? Kandi bikomeza gukomeza, bituzengurutse. Ibyo byakagombye kutumurikira. Bizana Ubwiza bw'Imana. Iyo Imana itanze Isezerano, Ihagarara hafi y'iryo Sezerano. Yego, mugabo.

Nyuma y'aho Yesu yerekaniye Ikimenyetso Cye cya Mesiya, ko Ari We wa Mesiya, nyamara imbere ya biriya byose: “Twereke ikimenyetso.” Murabona? Nta We bamenye, ntibahumbyaga. Kwizera nta kwari muri bo.

26 "Mwebwe", nk'uko mukecuru mama wo mu majyepfo yakundaga kubivuga ati: "Ntushobora gukamura amaraso mu rubuto rw'avoka kuko ari nta yabamo."

Ntibigeze bamumenya, bahumwe cyane n'amahame yabo kandi - kandi - n'ibindi, bari bafite kiriya gihe. Ntibari barigeze bamenya Ibyanditswe by'Isezerano, kuko amahame yari yarabatwikiriye. Amahame n'imihango byabo bya kiriya gihe byari byaratwikiriye Isezerano ry'Ibyanditswe. Iyo bajya kuba barigishijwe n'Ibyanditswe, ko Ibyo byakabaye ari Ikimenyetso cyakurikiraga Mesiya…

27 Ni bangahe bizera ko Yaje mu Kimenyetso Cye Bwite? Nta gushidikanya, Yarabikoze, Yaje Akurikije Isezerano. Ah'ubwo bari barabigishije ihame bati: "Twizera ibi, kandi twizera ibyo. Bose bizera Imana. Bose…"

None, by'umwihariko twebwe, Abanyamerika, twizera ko tuzababarirwa kuko twubaka insengero zikomeye, kandi tukaba dufite abashumba beza n'ibindi. Mwibuke, niba ari ko byari bimeze, Imana yaba ikiranirwa niba Itwinjiza ityo, kuko Kayini n'Abeli, abaramyi babiri bambere bo hanze ya Edeni, bubakiye Uwiteka igicaniro bombi, batambye igitambo bombi, bombi batanze amaturo, barasenze bombi, ariko umwe yari mu kuri naho undi akaba mu kinyoma. Mwitegereze, tugomba kugira Ukuri, kandi Ukuri kuzahora ari Ijambo ry'Imana. Noneho, ni bimwe none, abantu bakabya kuba impumyi. Bavuga… Mvuga nti: "Waba - Waba - Waba uri Umukristo?"

28 "Yoo! Mbarizwa mu - mu kintu runaka…" Murabona? Ibyo nta ho bihuriye. Nta cyo mpfa n'ibyo, ariko ibyo si byo ngerageza kubabwira. Ubarizwe mu rusengero wishakiye rwose. Ikirango cyawe nta cyo gihindura. Nk'uko nabwiraga umushumba mu gitondo cya none. Ejuru iriya muri Colorado, nayoboraga ibiterane by'amatungo ndi ku ifarashi, n'ibindi. Kandi nari mfite akamenyero ko kwicara hariya, ntya. Kandi "Ishyirahamwe Hereford ry'Umugezi Troublesome" riragira mu kibaya cy'uwo "Mugezi Troublesome". Hanyuma mwajyaga ku mpera y'icyo kibaya, mwari mufite ibyanya bibiri byigabanije, icy'i Burasirazuba n'icy'i Burengerazuba. Amatungo yose ya hano kugeza ubwo, mu ishyirahamwe, arishiriza mu cyanya cy'i Burengerazuba naho - naho itsinda twari kumwe rikaragira mu cyanya cy'i Burasirazuba. Hanyuma, bari barubatse urugo, hariya, kugira ngo barindire ishyo kure y'icyanya gikomwe, kandi [nari] ejuru iriya mu misozi mu mpeshyi.

29 Kandi twagombaga guteraniriza hamwe ayo mashyo, ibirango bine cyangwa bitanu bitandukanye; ibirango 8 cyangwa 10 bitandukanye ku mugezi, twagombaga guteraniriza hamwe ishyo ryacu mu gihe gikurukiye imbeho, kurijyana ejuru iriya. Kandi nari mfite akamenyero ko kwicara hariya, ntya, tumaze kubona amatungo yose, yo [amatungo.-U.I.] yari afite ikirango n'ibindi, kandi bigatangirira ejuru iriya mu rwuri. Kandi umushumba yahagararaga hariya. Yazibaraga uko zabaga zitambutse.

Kandi nabonaga ko hari uburyo bwose bw'ibirango byashyirishijweho icyuma cy'igishirira. Bwana Grimm yari afite Inkoni ya Diyama [Amazina y'amoko mu cyongereza;-U.I.], kandi - hejuru yacu neza, hari ikimenyetso cya Turukiya, twari dufite Maguratatu Ishaje, kandi hari amatungo anyuranye yashyirishijweho ikimenyetso icyuma cy'igishirira yanyuraga aho. Ariko umushumba ntiyabonaga ikirango cyashyirishijweho icyuma cy'igishirira. Yabonaga ikirango cy'amaraso mu gutwi. Nta cyashoboraga kujya muri urwo rwuri, ngo kirinde ayo mashyirahamwe y'ubworozi, ngo kireke ishyo ryabo ritatatiye ubwoko, nta cyashoboraga gukomeza hariya, keretse Hereford itavangiye. Yagombaga kuba ifite ikirango mu gutwi, n'ikirango cy'amaraso.

Ni ko bizamera ku munsi w'Urubanza. Ntizambaza niba nari Umumetodisite, Umubatisite, Umuperesibiteriyani. Ikirango mfite nta cyo kizaba kiyibwiye. Nta kindi uretse uwavutse ubwa kabiri, Umukristo wabyawe n'Amaraso ya Yesu Kristo. Ni uwo uzinjira. Nta kindi kizinjira.

Noneho, iyo Atamenywe, Imbaraga Ze n'ibindi… ntibihishuka; iyo Atamenywe. Uko Imana yahaba kose, mugomba kumwizera. Nta kindi.

30 Ni bimwe n'ibya wa mugore wari ugiye gushiramo amaraso. Bariya bantu bahitaga bose, abari bahagaze bose bavugaga bati: "Nguriya Mwigisha aragiye. Ni wa undi uvuga ko ari umuhanuzi. Ni umunyabikabyo", na biriya bintu byose.

Ariko ni iki cyabaye? Uriya mugore mugufi yatakazaga amaraso, kandi yari yarumvise bamuvuga. Kandi ubwo Yamanukaga hariya, atitaye ku byo runaka yabaga yavuze, yaramumenye. Maze avuga ati: "Iyo mba nari nshoboye byonyine gukora ku ncunda z'ikanzu Ye!" Murabona?

Kandi ubwo kuriya kwizera nyakuri kwamuhindukiraga ikintu gifatika, ni iki icyo cyabyaye? Icyo cyabyaye Imbaraga Ze zimukiza. Icyo cyamukozeho ku buryo Yahindukiye maze Akamubwira ikitaragendaga muri we; hanyuma Amubwira ati: "Ukwizera kwawe kwagukijije." Ni iki cyakoze ibyo? Ni ukwizera.

Abandi bari bahagaze aho wenda bari barembye kumurusha, ariko murabona, yamenye ko yari ari mu Bwiza bw'Imana. Yamenye ko cyari cyo gihe.

31 Twebwe abantu iyo aba twashoboraga gukora ibyo muri uyu mugoroba! Iyo aba twashoboraga kubona ko Iriho itubonekera muri aya materaniro, ku bw'intego, kubohora ibyifuzo byacu tuyifitemo, ni ibyacu. Ariko, tugomba kumenya ko turi mu Bwiza Bwayo. Kandi noneho, ni gute mumenya ko muri mu Bwiza Bwayo? Ni iyo Ijambo ryasezeranijwe icyo gihe rigaragaye. Si Ijambo ryasezeranywe ry'igisekuru cya Mose cyangwa ry'ikindi gisekuru twiboneye; ni Isezerano ry'Ijambo ry'iki gisekuru!

32 Noneho, tubona ko Yakomeje kujya mbere. Kandi Yayiro, umugabo mugufi, wari hariya n'umukobwa we wari wapfuye; yizeraga ko ibyo Yavugaga byari Ukuri. Noneho, mwibuke, yari umutambyi kandi bari baramubujije, kuko bari baraciye iteka bati: “Uzamwisunga wese azacibwa mu isinagogi.” Sawa, yacibwa cyangwa atacibwa, yari anyuzwe n'uko Imana igaragarira muri Kristo; kandi rikaba ryari Ijambo. None ibyo byamaze iki? Ibyo byarekuye Imbaraga z'Umuzuko zari muri We. Amina! Ibyo byazuye umukobwa wari wapfuye kandi ari intumbi irambaraye hariya, kuko yamenye ko Imana yari muri Kristo, kandi Ubwiza Bwayo bukaba bwari mu nzu ye.

33 Ariko mu murwa Yarerewemo, izo Mbaraga zari muri We, mu murwa Yarerewemo, ariko ntibamumunye. Ubwiza bw'Imana nta cyo bwari bubabwiye; wenda umunyabikabyo runaka. “Ibyo bintu biri he? Bambwira ko ukora ibi cyangwa biriya. Bikorere hano.”

Ntimwaba mwarabyumvise? Niba… Mwebwe, itsinda ry'Abapantekote, na mwe bantu mu-… Mwizera ko Imana ikiza indwara. “Dufite hano runaka cyangwa runaka, mukize mbibone.”

Ni ya dayimoni imwe ishaje, ya indi yavuze iti: “Niba Uri Umwana w'Imana, tegeka aya mabuye ahinduke imitsima.”

Ni ya dayimoni imwe ishaje, ubwo bamupfukaga mu maso, bamukubise inkoni mu mutwe maze bamubwira bati: “Noneho”, bahererekanyaga inkoni maze bakavuga bati: “Niba Uri umuhanuzi, tubwire Uwagukubise tubone kukwizera.” Nta byo Yigeze akora. Nta we Ajya akorera ikinamico. Murabona?

34 Ni wa undi , ubwo Yari ari ku musaraba, wavuze ati: “Niba Uri Umwana w'Imana, Imanure kuri uyu musaraba maze Utwereke ko Uri Umwana w'Imana koko.” Ntibyajyaga kumunanira.

Bamuhereye hariya icyubahiro cy'ikirenga, batabizi. Bavugaga bati: “Yakijije abandi; Ntashobora kwikiza Ubwe.” Iyo Ajya kwikiza, Ntiyajyaga gushobora gukiza abandi. Yaritanze Ubwe ngo Akize abandi. Murabona, ntibamenye ko bari kumwe n'Imana. Nta kindi.

Noneho, ibyo birekura Imbaraga zikiza, n'iki? Ibyo byarekuye Imbaraga zibahumura ngo mumumenye cyangwa zibahuma ngo mube mutagiteze kumumenya. Igihumura amaso y'umwe, ni Cyo gihuma ay'umutizera.

35 Ariko umurwa, nta cyizere bari bamufitiye. Mu nzu y'Umufarisayo, yaramuraritse; kwa Simoni, Umufarisayo. Kandi yari yateguye ibirori bikomeye. Kandi Umufarisayo yashakaga kubereka ko Atari Umuhanuzi. Rero, yari hariya inyuma asoma bukebuke akarahure ke, n'imibavu myiza yo mu nzu ye yose.

Kandi Yesu yari yaciye ku wozaga ibirenge; kandi Yari yicaye hariya. Kandi Yari yanduye, We n'imyambaro Ye binuka umwanda w'amatungo kubera ishyamba yari yanyuzemo.

Kandi, murabona, ikintu cya mbere iyo utumiwe mu muryango hariya muri Palesitina, iyo babaga bavanyemo inkweto za sandale, ikintu cya mbere bakoraga cyari ukugukarabya ibirenge, hanyuma bakagira icyo bakwakiriza cyo gukandagiza kuri za tapi zabo; tapi zikomeye z'imperesi, n'ibyo bintu byose, byari bihebuje.

Igikurikiyeho bakoraga, baguherezaga amavuta. Yabaga yarakuwe mu kabuto ka pome k'ishyamba ry'imisozi, pome y'iroza. Iyo iroza rivuye mu nzira, risiga pome n'imibavu myiza. Kandi bayisigaga mu maso. Kandi iyo mirasire y'izuba ryo muri Palesitina yabaga ikaze, kandi, murabona, bitanga impumuro. Kandi - kandi iyo ubikoze, ni bwo umushyitsi aza ku muryango maze akabasoma ku ijosi hanyuma bakamwifuriza ikaze.

Ni gute abashinzwe gukarabya ibirenge by'abashyitsi baretse Yesu abacaho, batamukarabije ibirenge cyangwa - cyangwa - cyangwa ngo bamuhe amavuta yo kwisiga, cyangwa ngo bamusome byo kumwifuriza ikaze?

36 Ariko hari indaya ngufi hanze mu muhanda. Bariya banyedini bose, mu by'ukuri, bariya bantu bose nta wamumenye. Kandi iriya ndaya, yarungurukiraga ku irembo, ubwo Yamubonaga yicaye nka wallflower [umuntu utegereje; umuntu baheza mu birori by'iterambere kubera isoni cyangwa kuba atari icyamamare.U.I.]

Ni muri ubwo buryo none Ari mu itsinda ry'abanyedini, wallflower, rutungura, utifuzwa. “Uteye ishozi, wanduye, umeze nk'umusazi [holy-roller]”, babyita “uburyo bw'umukinnyi w'imico wera, umuntu wasaze, umuhanuzi w'ibinyoma, umupfumu”, cyangwa uburyo bw'izina ribi.

Ariko Yesu, ngiye kumugeraho mu kanya gato, Yavuze ati: "Ni utuka Umwana w'umuntu, uzabibabarirwa, ariko Mwuka Wera ni aza, uzagira icyo amuvugaho kibi, azaba adateze kuzakibabarirwa." Murabona?

37 Ariko buriya, uriya mugore mugufi yabonye ko hari icyo Yari akeneye. Kandi mu by'ukuri, yihutiye kwinjira, maze yenda umukondo w'amavuta. Wenda yari yayahashye mu mafaranga yavanye mu buraya bwe. Ariko ni ibiki? Yashoboraga kuba yaratekereje ati: "Ni - ni Umuhanuzi. Ariko ndibuka undi mugore wakoze nk'ibi, w'ubuzima buhuye n'ubwanjye; yari afite amahirwe kandi yaramumenye, hanyuma arababarirwa." Hariya, ku iriba ry'i Sukara, ejo nimugoroba twabivuzeho. "Kandi iyo njya guhobora kumugeraho, ndamuzi, nakagize icyo mumarira. Nzamenya ko Ari Umwana w'Imana."

38 Yinjira yiruka. Aramwegera, maze yiyumva nk'umunyabyaha. Ni bwo buryo umunyabyaha nyakuri wihana yiyumva ageze mu Bwiza Bwayo: umunyabyaha!

Kandi amarira yatangiye gucuncumuka, maze agerageza kuyahisha. Yagwaga ku birenge Bye. Yari agiye kumusiga amavuta, ariko amarira yakomezaga kumugwa ku birenge. Maze atangira kubihanagura, ari ko arira, ari na ko amuhanaguza ibiganza bye. Kandi ibirenge Bye byari bikabije kwandura kubera amase yo mu mayira yari yanyuzemo; niba mushobora kubyemera by'ukuri, n'umunuko w'amatungo yanyuraga muri iyo nzira, abantu bose bayinyuragamo. Kandi Yari aho, umunuko umuriho, Yicaye aho; kandi amarira y'uwo mugore yamutembaga ku birenge maze akagerageza kubihanagura. Kandi nta gitambaro cyo kumuhanaguza yari afite.

39 Ubwiza n'icyubahiro by'umugore ni ibihe? Ni umusatsi we. Ni yo mpamvu abenshi muri mwe, bagore ba none, mwiyogoshesha mwese. Si byo. Yafashe imisatsi atangira koza ibirenge Bye, no kubihanaguza iyo misatsi ye, imisatsi ye myiza igibwaho n'umunuko wamuvagamo, igibwaho n'igisuzuguriro Cye. Mbega byiza! Ni iyo umenye Uwo ubereye mu Bwiza. Murabona? Bashiki bacu bakagombye gukomera ku mitwe yabo, kugira ngo bagire imisatsi ihagije yo kubikora. Rero, twebwe - buriya, yakarabije ibirenge Bye, maze abihanaguza umusatsi wo ku mutwe we, maze amusoma ibirenge.

40 Kandi uwo musaza Simoni ahagaze hariya inyuma, yaramuneguye. Nta bwo yamumenye. Avuga ati: "Nababwiye ko Atari umuhanuzi. Iyo Ajya kuba umuhanuzi, Aba yamenye uburyo bw'umugore bari kumwe."

Yesu ntiyigeze anyeganyeza ikirenge. Yaramurebaga byonyine. Kandi uyu mugore yari afite ubwoba.

Hanyuma, aho Amurekeye akarangiza kugira icyo amukorera, Yararebye maze Avuga ati: "Simoni, hari icyo nshaka kukubwira. Wantumiye hano. Wanzanye hano", mu indi mvugo: washatse kunkoza isoni. Washakaga kwerekena ko Ntari Icyo Ndi Cyo. Kandi wowe, ubwo wanzanaga hano, wakabaye wankarabishije ibirenge, ariko nta byo wakoze. Wakabaye wampaye amavuta yo kwisiga mu mtwe, ariko nta byo wakoze. Nta bwo wansomye unyifuriza ikaze. Naho uyu mugore, kuva aho Nagereye aha, yankarabishije ibirenge amarira ye anabihanaguza umusatsi we, kandi ntaragahwema kunsoma ibirenge uhereye igihe Nagereye aha. Hari icyo Nkugaya, Simoni.

41 Hanyuma, Aramuhindukirira. Nshobora gutekereza, mureba ahagaze hariya, n'amaso ye manini kandi meza yanduye, no mu maso he, hahoze hasize amavuta none hakaba huzuye umukungugu wavuye mu muhanda, umuri mu maso. Kandi atekereza ati: "None, hari ikibi nakoze? Hari ikibi nakoze?"

Avuga ati: "Maze mubwira nti: 'Ibyaha byawe byinshi birababariwe byose. Igendere amahoro.'"

Byari ibiki? Hari icyo yamenye. Yamenye amahirwe ye. Murabona? Yarabikoze. Hari icyo yamukoreye. Abafarisayo nta byo bakoze. Yarabibonye maze amenya ko yari ari mu Bwiza Bwayo. Ibyo byamaze iki? Byarakarabije. We ni iki yabikuyemo? Imbabazi. Byamugomororeye imbabazi z'ibyaha. Ni iki kindi byakoze? Byagomoroye kandi Imbaraga z'Imana, ngo byereke abo batizera ko Yari Umuhanuzi. Yari Azi uwo uriya mugore yari we. Ibyo byanagomoroye Umunezero n'Imbaraga n'Ubugingo Buhoraho. Ni ibyo byagomorowe.

42 Ariko uwemeye ko bashimangira kiriya gisumari mu birenge Bye by'agaciro, ntiyigeze amenya Ubwiza bw'Imana muri We. Yanashakaga ko Amukorera udukinamico two kumurangaza.

Ni ibyo isi ishaka, none, ibirangaza byinshi. Ntibashaka Ubutumwa Bwiza. Bashaka imyidagaduro.

Kandi niba - Pilato yavuze ati: "Nakwifuje ibitangaza bike kuri We, cyangwa ikindi nk'icyo. Nimumunzanire hano." Neza neza mu Bwiza bw'Imana, maze arabyanga, (kubera iki?) kuko yishimiye ibyo rubanda bavuze kubirutisha amahirwe yo kuba mu Bwiza bw'Imana. Ni iki cyabaye? Wa mugore yarababariwe maze ahabwa Ubugingo Buhoraho; naho we atakaza ubwenge maze aba umusazi hanyuma yiyahura mu kagezi mu Busuwisi.

43 Noneho, mube maso, (Yari) akongejwe cyane n'ubushake bwa rubanda bwa kiriya gihe, ari bwo bw'ubu: "Yari (Yesu) Belizebuli; Yari ingirwamwizera gusa; nta cyo yari cyo", we, ni iki yakoze? Yahushije

ibyo, yatakaje amahirwe ye yo kuba mu Bwiza bw'Imana. Yakabaye yarashoboye kubabarirwa. Avuga ati: "Mfite ububasha bwo kukubamba. Mfite ububasha bwo kukurekura."

Avuga ati: "Nta bubasha na buke umfiteho, keretse buturutse kuri Data." Yakabaye yarabimenye, iyo ajya kumenya Ibyanditswe. Kandi we, nk'Umuyuda, yakabaye yarabimenye. Ariko murabona imihango yari yaramuroze aho kumwigisha. Ni uko bimeze none. Iyo ajya guhabwa inyigisho ziboneye! Iyo umuntu ajya kwizera icyo Ibyanditwe bivuga… Ah'ubwo imihango ye yamugushije ruhabo kure y'Ijambo ry'Imana.

44 Na bugingo n'ubu ni ko bimeze. Abantu bazafata Ubutumwa Bwiza bw'umwimerere, aho Mwuka Wera yinjira, aho Imbaraga n'Ubwiza by'Imana bibohora abanyabyaha ku cyaha maze bakabona umudendezo, kandi bakabatizwa na Mwuka Wera, Agakiza abarwayi, kandi Akerekana ibimenyetso n'ibitangaza, kandi abantu bakazajya kure, bavuga bati: "Mpa amahoro! Uzi icyo idini ryanjye ryizera? Ibyo nta cyo bimbwiye." Murabona, uriho uratakaza, uragurisha umurage wawe w'umwana w'impfura.

Abenshi bafite iryo sumbwe none, ryo kuba mu Bwiza bw'Imana nk'uko byabaye ku ba kiriya gihe. Kandi buri gihe, kubera ubushake bwa rubanda, bahagaze mu Bwiza bw'Imana, banga Ibyo. Ndibaza, muri uyu mugoroba, ncuti, twebwe abantu b'Abakristo kandi barwaye, niba byonyine tutanze amahirwe yo kumwizera ngo dukire. Twebwe twatura kumwizera, nta bwo tuzi Ubwiza Bwe by'ukuri, ibyo Yasezeranye gukora none.

45 Bihamijwe n'Isezerano ry'igihe, Yesu yacyahaga kiriya gisekuru ku bwo kutizera Ikimenyetso cya Mesiya. Turabibona hano, Yarabacyahaga. Kumwita Belizebuli! Bashakaga ko Asohoza Ikimenyetso cya Dawidi, kwima ingoma maze Agashinga leta. Ah'ubwo - nta Cyanditswe na kimwe cyavugaga ko Yajyaga gukora ibyo. Yagombaga kuba ari Umuhanuzi. Agiye kuza (aho bukera) ari Umwami. Hariya Yagombaga kuba ari Umuhanuzi, kandi Yashohoje Ikimenyetso Imana yari yaravuze ko Yajyaga gukora kiriya muri biriya bihe, naho bo bagashaka ko Akora Ikimenyetso kibanogeye. Murabona?

Rero, ndibaza niba tudategereje ikintu gikabije kuba kure mu nzagihe, kandi kiri iruhande rwacu. Ndibaza niba ibyo byashobora kumera kimwe n'ibyo, niba tutashobora guhusha amahirwe yacu. Mwibuke, nk'ingero za kera, ingero ntiziteze kunanirwa. Ikimenyetso cya nyuma, ku bwa Yesu, Yavuze ati: "Nk'uko byari bimeze mu bihe by'i Sodomu, ni na ko bizamera mu bihe kugaruka k'Umwana w'umuntu (Si Umwana w'Imana noneho) ubwo Umwana w'umuntu azaba ahishuwe." Murebe hano aho ibyo bintu bigaragara none! Ncuti, nashobora kugira ibyo mbabwira biri hano kandi ntakwiye kubabwira, ariko ibyo bintu byashobora kubatangaza.

46 Mu gihe tugiye kuba duhagaze mu minota mike, nifuzaga kugira ikintu gito mbabaza mbere y'uko dukomezanya n'Ijambo ry'Imana. Ndibaza niba nshobora kugira icyo mbabaza.

Nta utazi ko isi, dushingiye ku gihagararo, buri kintu cyishyira mu mwanya cyitegura ukuza Kwe: "Imitingito y'isi hirya no hino; ukwezi kuriho kuradudubiza amaraso y'umutuku, cyangwa umutuku w'amahindure y'ibirunga hose, ugutwikira", nk'uko Yesu yavuze ngo tuzarebe icyo kimenyetso mu bihe bya nyuma; "Inyanja ihorera, imitima y'abantu ihiye ubwoba, n'ibihe by'umuhangayiko, by'akaga mu mahanga."

47 Mwitegereze icurama rigezweho none! Mubyitegereze none, kwiyongeraho 40% by'abatinganyi muri California, urukundo rwa cyimeza rwaratakaye.

Nimurebe… Nimurebe none, uburyo abantu bazaguma i muhira, biyita Abakristo, kandi batega amatwi abantu nka Pat Boone, Elvis Presley, Ernie Ford, na bariya baririmba indirimbo ku Cyumweru; kandi bareba ibyo bintu, babareba basoma abo bagore, na biriya bintu.

Mu gihe ari nta muntu wakabaye asoma umugore kugeza igihe bashakaniye na we. Ni ho habera kwivanga k'utuvubura twa kigabo n'utwa kigore. Aho ibyo byabera hose, si byo. Ni ubusambanyi. Iyo utuvubura twa kigabo duhuye n'utwa kigore, ni ubusambanyi. Biba byarangiye… Umugabo usoma undi mu kanwa, ibyo byakabaye bimutera kuruka; cyangwa umugore usoma undi. Kuki bitandukanye? Ni ubusambanyi. Ni ko ko; urugero rwa Kristo asoma Umugeni We, murabona? Ntimwakagombye gukora ibyo.

48 Ariko mubirebe none, izo filimi n'ibyo bintu n'isoko ry'abasomana. Kandi nta gushidikanya niba umuntu yashobora kuvuga, ubusambanyi bwo mu ruhame, hose, kandi abantu babaye impumyi ku buryo batabibona. Ni ukuri. Byose biri mu miterere ya Sodomu, abanyasodomu hose, nk'uko bivugwa na Bibiliya.

Ibintu byinshi, murebe muri ibi bihe, ibyo Yavuze ko byajyaga kubaho! Murebe Amasezerano Yatanze, yajyaga gusohora muri ibi bihe. Hanyuma, mubigereranye n'ibiriho, kandi murebe aho tugeze, ni bwo muri bumenye ko Iri mu Ijambo Ryayo cyangwa Itaririmo.

Bashakaga kubona Ikimenyetso cya Mose, Ikimenyetso cya Dawidi, ibyo ntibyari iby'igihe cyabo; byari byarasezeranijwe igihe cya Mose n'igihe cyabo. Isezerano ry'iki gisekuru rigomba gusohora. Yari Yaraberetse neza, We, Yifashishije Ibyanditswe, kandi Yari yarabararikiye gucukumbura mu Byanditswe, ngo barebe igihe barimo.

Ariho arakora bimwe none aha. Nimucukumbure mu Byanditswe, mwebwe mwizera Bibiliya. Ni iki cyakabaye kimaze gusohorera hano, mbere y'uko Aza?

49 Nimwitegereze isi, uko ihagaze; noneho ni isi. Mwitegereze isi, aho igeze. Nimurebe aho igeze, "igeze aharindimuka, ni akazuyazi, Lawodikiya, yaheje Ijambo." Ikintu mu mwuzuro wacyo cyinjiye mu mpuzamadini ikomeye, Inama Mpuzamadini y'Isi yose, kigira ikimenyetso cy'Inyamaswa ibyo Bibiliya ivuga ko ibinyoma, na biriya bintu byose, kandi nyamara, Abaporoso babimburira abandi kubiromborezamo, batazi Ibyanditswe. Imihango yabo… Yoo! Bashaka umuntu w'umunyembaraga, kandi bazamubona. Bazamenya ko bagifite.

50 Yari afite… Murebe… Ariko Yesu yari yarivugiye yeruye Uwo Yari We, kandi Yari yarabemeje Uwo Yari We, n'igihe Cye.

Kandi ni bimwe none. Noneho, mwitegereze, dufate iyi mirongo yo muri Luka 17: "Nk'uko byari bimeze mu bihe by'i Sodomu…" Nimwitegereze isi, mwitegereze itorero, imiterere ya Sodomu! Murebe aho Loti yari ari, ubwo bariya bantu bageragezaga - bageragezaga guhirika urugi, kuri bariya Bamarayika, bariya bantu.

Mwitegereze, murebe hano. Hari… Murebe, Aburahamu yari hariya ku musozi. Ntiyari i Sodomu. Ni urugero.

51 Hahora haba ibyiciro bitatu by'abantu mu iteraniro ry'iyobokamana: abizera, ingirwabizera, n'abatizera. Buri gihe abo batatu! Kandi bari aho; nguwo umutizera, umunyasodomu; ingirwamwizera Loti na Aburahamu Itorero ry'Intore.

Noneho, murebe ubutumwa bwabo muri kiriya gihe. Intumwa ebyiri zaramanutse maze zibwiriza i Sodomu. Nta gitangaza na kimwe zakoze, zarabahumye byonyine. Ibwiriza ry'Ijambo rirabikora.

52 Ah'ubwo murebe uburyo bw'igitangaza uriya Mumarayika wari uri kwa Aburahamu yakoze. Yari Ateye ihema umugongo. Maze Avuga ko izina rye ryari ryahinduwe; Yamwise Aburahamu mu cyimbo cya Aburamu. Ntiyashoboraga kubona umwana igihe cyose izina ryari ritarahinduka. Sara na we ni uko. Yababwiye amazina bari basanganywe. Marayika Arabibabwira. Hanyuma Abwira Sara ko Yajyaga kumugenderera mu gihe cy'ubuzima.

Hanyuma Sara arabiseka. Kandi ubwo yabisekaga… Wa Mugabo wari umuteye umugongo, Umugabo waryaga inyama z'inyana, Anywa amata y'inka, Arya n'umutsima; Umugabo wari ufite umukungugu ku myambaro Ye, umugenzi. Yari Imana Ubwayo. Kandi Aburahamu yarabimenye, kuko Imana yamenye ibitekerezo byari mu mutima wa Sara inyuma Yayo. Ivuga iti: "Ni iki giteye Sara gusekera muri we ati: 'Ibi byashoboka bite?' Hari icyananira Imana?" Murabona? Maze asohoka yiruka, abihakana. Ivuga iti: "Yego, ariko wabikoze." Noneho, Yakabaye yarahise itsinda Sara aho, ariko - ku bwo kutizera, ariko, murabona, ni urugingo rwa Aburahamu.

Kandi ukutizera kwacu mu kwigaragaza Kwayo gukomeye ko muri iki gihe; turi urugingo rwa Kristo. Byonyine ya-… murabona? Turi - turi - byonyine, ni…murabona? …yacu. Igomba kubirinda.

53 Noneho, mwitegereze, nta gihe mu mateka y'igisekuru cy'Itorero… Nzi umunyeshuri nyakuri mbwira, umunyamateka. Ntihigeze kubaho, nifuzaga kubaza umunyeshuri uwo ari we wese wiga Bibiliya kumbwira umuntu watumwe ku gisekuru cy'Itorero, muri iri Torero uhereye ku ibambwa rya Kristo, [afite] umurimo w'isi yose, ufite izina ridasozwa na h-a-m, nka A-b-u-r-a-h-a-m-u, ukageza none. Sankey, Finney, Moody, Knox, Calvin; ariko ni he higeze kuba G-r-a-h-a-m mbere, Billy Graham, uriya mubwirizabutumwa ukomeye, hanze hamwe n'amadini ari muri Sodomu? Habe na busa. Hari Oral Roberts uvuguruye, hariya hanze hamwe n'Abapantekote, bimwe. Mwari mubizi?

Ariko h-a-m… Noneho, G-r-a-h-a-m rigizwe n'inyuguti esheshatu, mu gihe A-b-r-a-h-a-m rigizwe n'inyuguti indwi. Gatandatu ni umubare w'umuntu, idini ry'umuntu, umurimo w'umuntu; ariko A-b-r-a-h-a-m akagira inyuguti indwi. Noneho, mwitegereze, mu Itorero ry'intore ryasohotse, atari ariya madini, ah'ubwo Itorero ryatorewe kuguma hanze, Rigiye no kubona intumwa muri ibi bihe bya nyuma.

54 Ni ibiki bibera hariya? Ni ibiki bibera hano hejuru? Nimubigereranye n'ibyo Yesu yavuze. Nta na rimwe mu mateka twigeze tuba mu bihe nk'ibi. Kandi ibimenyetso bimwe byakagombye gusohora… Nta byo mubona, ncuti, ngo mumenye ko ari Imana yamanukiye mu Butumwa Bwiza, mu bwoko Bwayo, Yimenyekanisha Ubwayo? Ntimushobora kumenya igihe turimo? Twatandukanijwe gusa no gukoma amashyi, gucuranga piyano, no gusubira muri ibi, no - no kugendera Ijambo kure, kugeza ubwo twahindutse impumyi kuri ibyo? Nta gushidikanya, si ko turi. Tumenye igihe turimo.

Petero, Natani, na - cyangwa Natanayeli ah'ubwo, na wa mugore, barabimenye. Bamenye Ikimenyetso Cye, Ikimenyetso cya Mesiya.

Noneho, ni bimwe n'ibyo bintu ndiho mvuga. Rero muri icyo gisekuru, Yesu yavuze… Noneho, murebe,

Arifashishisha igihe cyatambutse noneho, Ababwira ku gisekuru. Imana, muri buri gisekuru, ubwo Yoherezaga Ubutumwa Bwayo, bwari Ijambo Ryayo, kandi Ikabushushanya n'icyo gisekuru: abantu bizeraga Ibyo, cyababeraga igihe cyiza cyane; abatizeraga, binjiraga mu gihirahiro. Ni uko byahoze.

55 Mu bihe bya Yesu, byari bimwe. Nimumurebe Ahagaze hano noneho. Avuga ati: "Nk'uko byari bimeze mu bihe bya Yona, muri Yona, kuko nk'uko Yona yamaze iminsi 3 n'amajoro 3 mu nda y'urufi, ni ko bigomba kugendekera n'Umwana w'umuntu."

Avuga ati: "Igisekuru kibi kandi cy'ubusambanyi gishakisha ikimenyetso." Noneho, mwaba muzi icyo ntekereza ko Yabaga akora? Yarahanuraga ati: "Igisekuru kibi kandi cy'ubusambanyi…"

Ndibaza niba umuntu wese ufite ubwenge buzima yashobora guhakana ko turi mu gisekuru kibi kandi cy'ubusambanyi, mu gihe abatinganyi, ugucurama… N'ijanisha ry'ingo zisenyuka muri Amerika rihebuje kuba hejuru mu mahanga yose yo mu isi. Kandi isi yose iri mu gihirahiro ku bw'icyo. Bitatu bya kane, nka byo, bashenye ingo zabo hose, twitegereza icyo kintu cyose, nko mu myaka 10 y'urushako. Murabona? Mubitekerezeho! Gusenya urushako, gushakana n'undi no kongera ugashakana n'undi, gusenya urwawe maze ugashaka undi. "Bararyaga, baranywaga, bararongoraga kandi bagashyingira abana babo." Nimurebe ibihe turimo. Ni ryari higeze kuba igihirahiro nk'iki?

56 "Igisekuru kibi kandi cy'ubusambanyi kizashakisha ikimenyetso", mwitegereze, "kandi bazabona ikimenyetso." Iki? Iki gisekuru, "Kuko Yona yamaze iminsi 3 n'amajoro 3 mu nda y'urufi, Umwana w'umuntu azamara mu nda y'isi iminsi 3 n'amajoro 3." Ni ikihe kimenyetso iki gisekuru kibi kandi cy'ubusambanyi kizahabwa? Ikimenyetso cy'Izuka.

Kandi none, nyuma y'imyaka ibihumbi bibiri; turacyabona Yesu Kristo mu Mbaraga z'Izuka Rye, Ahagaze rwagati muri twe akora IMIRIMO Yakoraga kiriya gihe akaba ari Yo Yari yarasezeranye gukora. "Igisekuru kibi kandi cy'ubusambanyi kizashakisha ikimenyetso, gihora gishaka: nyereka iki, kandi iyo uba wari ushoboye gukora iki, no gukora iki." Bazakibona, Ikimenyetso cy'Izuka. Uko Yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko Akiri kandi ni ko Azahora iteka ryose, Ijambo ryagaragajwe, rwagati muri twe. Mbega uburyo twakagombye gushimira Imana ku bw'Ikimenyetso Cyayo cy'Ubwiza!

57 Mwitegereze, Yifashishije ikindi, buriya. Ivuga iti: "Kandi umwamikazi w'i kusi azahaguruka", ni umwamikazi w'i Sheba. Nimutege amatwi mutuje noneho. "Umwamikazi w'i kusi azahagurukana n'ab'iki gisekuru maze abacire urubanza, kuko yavuye ku mpera y'isi azanywe no kumva ubwenge bwa Salomo; none, Uruta Salomo ari hano." [Mat.12:42]

Mwitegereze, twifashishe ibyo, mu minota mike. Yasomaga Bibiliya dusoma, ahavuga kuri Yona, kandi Akanasoma no kuri Salomo. Noneho, ubwo igisekuru cya Salomo cyasohoraga, yari afite… Yari afite impano igenzura ibitekerezo by'abantu. Kandi ubwoko bwose, ishyanga ryose ryizeraga ibyo. Bose bari bahuje umutima kandi bavuga rumwe. Bose barabyizeraga.

Iyo aba bose, muri uyu mugoroba, iyo aba Amerika yose yashoboraga byonyine guhindukirira Imana no kwizera Imana, ni byo byiringiro bihebuje twagira, bwaba ari bwo buhungiro buhebuje bw'ibisasu n'ibindi byose.

58 Nta muntu wazanaga urwenya imbere ya Salomo. Baramutinyaga kuko yari umuntu w'umunyabwenge. Kandi rubanda baramwizeraga cyane, ko yari yaratumwe n'Imana, kugeza ubwo bamwimitse. Amahanga yose yarabatinyaga, atari ukubera ubuhangange bwa gisirikare, ah'ubwo kuko bari bafite Imana iwabo.

Kandi niba iri shyanga ryiyita Irikristo, iyo aba byonyine twashoboraga kungira ubumwe, kuri iyi Mpano nziza twahawe muri ibi bihe bya nyuma, Mwuka Wera ku Itorero. Atari ihame, Mwuka w'Imana! "Si ku bw'imbaraga habe no ku bw'intwaro, ah'ubwo ku bwa Mwuka Wanjye", ni ko Imana ivuga. Mwuka Wera, Yesu Kristo mu ishusho ya Mwuka, kuri twe, "Udahinduka, habe ejo, none n'iteka ryose."

59 Yoo, inkuru iba kimomo mu isi yose. Nta televiziyo, nta radiyo habe na biriya bintu by'igihe cyabo, rero byavugwaga imbonankubone. Kandi nyuma y'igihe gito, amagare n'ingamiya byinshi byaramanukaga, byambukiranya ubutayu bwose bwa Sahara, rukaba ari urugendo rw'amezi atatu uvuye muri Palesitina ukagera iwabo. Kandi ukwizera kuzanwa n'icyo wumva, kumva Ijambo ry'Imana. Kandi yari yarumvise icyo giterane gikomeye bari bafite ruguru iriya, kandi uko habonekaga abagenzi baturutse muri icyo cyerekezo, yarababazaga ati: "Mwaba mwaranyuze muri Palesitina?"

"Yego."

"Yoo! Ni ibiki bibera hariya?"

"Yoo! Birenze byose! Ntimwigeze mubona kugenzura ibitekerezo by'ako kageni. Ni nk'aho ari imana yicaye aho. Imana yabo yishushanirije mu muntu witwa Salomo."

60 Mu by'ukuri, "Ukwizera kuzanwa n'ibyo umuntu yumva." Umutima w'umwamikazi muto utangira kugira

inzara yo kumenya ibyo ari byo. Murabona, yari yaratoranirijwe Ubugingo.

Mwitegereze. Noneho, icya mbere cyo gukora noneho, we, umupaganikazi, yagombaga kujya gusaba uruhushya padiri we kugira ngo agende. Rero, nshobora kumubona ajya kwa padiri, maze akavuga ati: "Data wera, numvise ko ruguru iriya muri Palesitina hari ububyutse bukomeye. Nifuzaga uruhushya rwo kujyayo ngo nirebere ubwanjye."

"Noneho, mwana wanjye, noneho ntushaka kwivanga… Uko biri kose, nta ruhare dufite muri buriya bubyutse, kuri ubwo wowe - ntushobora kujyayo. Urabona, bariya ni itsinda ry'abasazi. Biriya nta cyo bivuze. Bariya bantu bavuga ko batashye banyuze mu Nyanja Itukura, kandi bakaba barakoze ibi na biriya byose. Biriya nta cyo bivuze. Iyo hagira ikintu nka kiriya kiba, kiba cyarabereye hano mu rusengero rwacu." Turacyafite abapagani.

61 Rero, tubona ko yatangiye kugira inzara. Avuga ati: "Nimurebe noneho, bambwira ko Imana yabo ruguru iriya yishushanirije mu muntu, kandi ubwenge bwe bukaba burenze byose. Kugenzura ibitekerezo kwe kukaba gutangaje."

"Yoo, nta cyo bivuze ibyo."

Avuga ati: "Ariko ngomba…"

"Mu by'ukuri, reba, uri umwamikazi, ntushobora kwifatanya n'itsinda ry'abantu nka bariya. Ni… bya kinyedini, ntushobora gukora biriya."

Ariko, murabona, iyo Imana itangiye gukorana n'umutima wa muntu, nta na gito gishobora kubihagarika. Umugabo, umugore, abana, umushumba, nta kindi habe na gito gishobora guhagarika ibyo iyo umuntu afite by'ukuri inyota y'Imana. Bazagenda uko biri kose. rero, ahera ko yitegura.

62 Mu by'ukuri, yashoboraga kuvuga ati: "Sawa, nzaguha… ngiye - nzaguca mu muryango wacu."

"Mu by'ukuri, bizace aho byagaciye. Nta kabuza, nzagenda. Ngiye kuzareba no kumenya ibyo byose ubwanjye."

Yari yitwaje imizingo y'impu kandi yari yarasomye icyo Yehova yakagombye kuba cyo, ku birebana n'abahanuzi be n'icyo bakagombye gukora, uburyo Ijambo ry'Imana ryakagombye kwigaragarizamo, uburyo Ryakagombye kumenya ibyo byose mu gihe ryakabaye ryiyambitse umubiri wa kimuntu, icyo Ibyo byakagombye gukora. Kandi yari yarasomye ibyo byose. Rero, nashobora kumwumva avuga ati: "Mu by'ukuri, reba, igitabo cyacu kivuga ibi".

"Yego, reba, nda-… Nyina wa nyogokuruza yaramyaga ibi bigirwamana. Yabihagararaga imbere maze agatangira kuvuga amasengesho, uko bukeye uko bwije. Nta kunyeganyega na busa kwabagaho, kuvugira mu matamatama, nta kindi. Kandi maze kurambirwa n'iyo mihango ipfuye. Ndashaka kujya kureba niba habaho Imana nzima." Birababaje kuba none ari nta bandi bamikazi nk'uyu bakibaho.

63 Rero, yiteguriye guhaguruka. Noneho, ubwo yageraga igihe cyo guhaguruka, mwibuke, yagize ikibazo gikomeye. Ntibyari byoroshye nk'uko na we bitakorohera. Noneho, mwitegereze icyo yagombaga gukora.

Dore ikindi ntashaka kwirengagiza. Avuga ati: "Ngiye kujya ruguru iriya, kandi ngiye gufata amafaranga. Ngiye gufata impano nkeya. Kandi niba ari Ukuri, nzabyihanganira. Niba atari Ukuri, nzagarukana amafaranga yanjye."

Uriya mugore yashoboraga kwigisha Abapantekote. Yego, Mugabo. Bihanganira ibyo bintu byo hanze bihakana kandi bikwena aho Imana ikiza indwara, kandi nyamara mushyigikira ibiganiro bya radiyo mu cyimbo cy'urusengero rwanyu bwite, ni byo, muraseka ndetse mugakwena ibyo mwizera.

Ariko yavuze ati: "Nzajyana ibyo. Kandi niba atari iby'ukuri, nshobora kubigarura."

64 Noneho, mwibuke, na buriya butunzi bwose ku, kuri izo ngamiya… Kandi noneho, mwibuke, abagendera ku mafarashi ba Ishimayeli, b'abajura bo mu butayu, bari barekereje hariya hanze. Mbega ibintu byari biboroheye byo kwitura kuri uwo muhigo, kandi yoo! Bajyaga kwica utwo dukone dukeya twari tumushagaye, maze bagafata uwo mutungo hanyuma bakigendera.

Ariko hari ikivugwa kuri ibyo, iyo by'ukuri wamaramaje, kandi Imana ikaba ikwihishuriye Ubwayo, wamaramarije kubona Kristo, nta kaga na busa gashobora kuboneka imbere yawe. Nta n'icyo ubitekerezaho! Muganga avuga ko ugiye gupfa, ntiwanabyitaho. Kandi iyo umwokeje igitutu, umenya ko harimo ikintu mu ndiba y'umutima we, kigurumana, ukwizera Imana.

65 [Ahatagira ijwi kuri bande.-U.I.]… amezi atatu y'urugendo mu butayu bwa Sahara. Atari muri Cadillac irimo icyuma gitanga amafu. Yemwe! Oya, oya. Byamutwaye amezi atatu yo kwambukiranya ubutayu bwa Sahara, wenda baragendaga n'ijoro ryose, asoma ya mizingo y'impu bageze ahari isoko ku manywa, kugeza aho agereyeyo.

Noneho, nta bwo bitangaje kuba Yesu yaravuze ko azahaguruka mu bihe bya nyuma maze agacira imanza iki gisekuru, kuko bamwe muri bo badashaka kwambuka agahanda; kandi Uruta Salomo ari hano, Mwuka Wera Ubwe. Murabona? Ntibitangaje ko azahaguruka mu bihe bya nyuma maze agacira imanza iki gisekuru.

66 Mwitegereze, ku iherezo yagezeyo. Ntiyari yaje nka benshi, nka bamwe bazanwa n'ingirwamateraniro. Yaraje kandi afata ingamiya ze kandi asohoka mu kibuga, ashinga amahema ye hanyuma aguma aho kugeza igihe anyuriwe.

Abantu benshi bazaza, bicare nk'iminota itanu, wenda 25. Igihe umubwirizabutumwa cyangwa undi azagira icyo avuga gihabanye n'icyo ihame ry'iwabo rivuga, barasohoka. Murabona, nta n'ikinyabupfura. Nta bwo bitangaje ni acira iteka kuri iki gisekuru; yazanywe no kuhaguma kugeza anyuzwe.

67 Nshobora kwibaza amateraniro ya mbere ya kiriya gitondo, ubwo impanda zose zavuzwaga, pasitoro Salomo arasohoka. Yakabaye yarashoboye kwicara hariya inyuma. Avuga ati: “Noneho, nzabyibonera ubwanjye. Nzi ko ari cyo Yehova yakagombye kuba ari cyo. Umuntu ashobora kugira icyo avuga, ariko ngiye kwihinyuriza.” Rero, yicara hariya, kiriya gihe, maze aritegereza, hanyuma abona buri muntu azamuka ku gicaniro. Abona ko kwa kugenzura ibitekerezo ari uk'ukuri.

Ku iherezo, tuvuge ko agakarita ke k'abasengerwa kagezweho, ibitabaye uko biri kose, ariko igihe cye cyo kwegera Salomo cyarageze. Kandi Bibiliya ivuga ko, ubwo yazaga guhagarara imbere ya Salomo, Imana yemereye Salomo kumenya amabanga ye yose. Nta na kimwe cyasigaye gihishwe. Hanyuma igitangaza kimukorerwaho.

Hanyuma, ahindukirira iteraniro maze avuga ati: “Ibi bintu numvise byose ni Ukuri, ndetse binarenze ibyo nari narumvise.” Murabona? Yoo! Nta buzima bwari muri we, umwuka wenda guhera, kuko habonetse umuntu utari umuzi, umunyamahanga, wamuhishuriye ibyo yashakaga kumenya.

68 Yoo! Kandi Yesu yari ahagaze hariya, We warutaga Salomo! Yari umwuzuro w'Ubumana mu buryo bw'umubiri. Yari Umwana w'Imana wabyawe n'umwari. Yo [Imana] yiyambitse We, maze Yehova Ubwe yigaragariza mu mubiri. Kandi Yari ahagaze hariya mu mwuzuro, kandi bavugaga ko batajyaga kumwizera, ukugenzura ibitekerezo by'abantu kuruseho. Murabona, Yari Salomo wongeyeho Dawidi, wongeyeho n'abasigaye bose bo muri bo bari muri We. Abahanuzi bose bari barasohoreye muri We, Uruta Salomo.

Kandi no muri icyo gihe, Yavuze ati: “Ni uvuga aya magambo undwanya, Nzakubabarira. Ariko Mwuka Wera ni Aza, bizaba birenze ibya none, no gucirwaho iteka rirenze.”

Kandi, duhagaze hano none, tubona neza neza ya Mana imwe ikora neza neza bimwe! Nizera ko azahaguruka ku munsi w'Urubanza maze agacira iki gisekuru ho iteka, kuko yihannye maze akizera Ubutumwa Salomo yabwirije, kandi akizera Imana. Yabonye ikintu gifatika.

69 Mwaba muzi ikibazo kiriho icyo ari cyo none, hari abantu, benshi, hamwe n'abantu babarizwa mu madini kandi bajyanwayo no kumara umuhango kandi bagendera ku mahame. Murabona, babonye gusa ibinyoma byinshi, ibibumbano bya kadahumeka byinshi, n'inyubako nziza z'ibitabashwa nyinshi. Kandi - kandi ya-… tu-… Ntitukemere - ntitukigere twemera gutembanwa n'iyo miyaga. Murabona. Imana nta bwo Itura mu nyubako z'ibitabashwa; itura mu mutima wawe. Murabona. Imana nta bwo Itura mu bushakashatsi bwa kinyamashuri. Iba kure yabyo. Itura mu kwiyoroshya, mu mutima wawe.

Itura mu Ijambo Ryayo, kandi Ijambo Ryayo riza mu mutima wawe maze Rigasohoka hanze Ubwaryo, hanyuma Rikumvikana. Isobanura Ijambo Ryayo bwite binyuze muri wowe. Igerageza kugira uwo yashobora gushyikira, ngo Yerekane ko Izahora ari Imana. Murabona? Kandi ni byo Izakora ni ishobora kubona uwo Yashobora kuvugisha. Ni Ishobora kubona undi mugore watakaje amaraso, Ishobora kongera kuvuga bimwe. Ishobora kongera kuvuga bimwe, Yimenyekanisha kandi Yivuga. Turi mu Bwiza bw'Imana tutabizi.

70 Binyibukije inkuru nto. Wasanga narigeze kuyibabwira, simbizi. Reka duhite tuyumva. Nk'uko mubizi mwese, mpiga umuhigo munini. Kandi nari ndi ruguru iriya mu mashyamba yo mu majyaruguru, nari mfite akamenyero ko kuzamuka guhiga, buri gihe. Kandi nari mfite incuti, ruguru iriya, yitwaga BertCall. Yari umuhigi mwiza, imvange y'Umuhinde. Nta bwo twagombaga kumuhangayikira, ntiyashoboraga kuzimira. Kandi twari incuti zikomeye by'ukuri, ariko ni we muntu wari uhebuje abandi umutima mubi mu bo nigeze kubona. Nta mutima yagiraga habe na busa. Yari afite akamenyero ko kurasa utunyana tw'indonyi ngo ankomerekereze amarangamutima. Kandi ashobora kuvuga ati: “Yoo! Mwebwe ababwirizabutumwa, muri inkoko zanyagiwe. Billy, wakabaye umuhigi mwiza iyo uba utari umubwirizabutumwa.” Yavugaga ati: “Uri inkoko yanyagiwe byonyine.” Mvuga nti: “Bert, si ukuba inkoko yanyagiwe.”

Noneho, ni byiza kwica akanyana k'indonyi niba itegeko ribyemera. Aburahamu yishe inyana maze ayigaburira Imana. Uko yanganaga n'igitsina cyayo nta cyo bivuze.

71 Ah'ubwo ibyo ni ubugizi bwa nabi gusa, kandi ibyo nta kindi yabikoreraga usibye gusetsa kuko njye

byangushaga nabi. Mu by'ukuri. Noneho, ni byo yakoraga.

Kandi nyuma y'umwaka, nagiye ruguru iriya. Kandi yari yarikoreye agafirimbi yashoboraga kuvuza, yigana akanyana k'indonyi iyo gahamagara nyina, murabizi. Hanyuma, avuga ati: "Yewe, Billy, mbere y'uko dutangira muri iki gitondo, hari icyo mfite nshaka kukwereka." Maze arakinyereka. Mvuga nti: "Bert, nturi bukoreshe ikintu nk'icyo."

Avuga ati: "Yoo! Tuza noneho." Kandi uwo mugabo yari afite amaso nk'ay'umuserebanyi, nka bamwe muri bariya bagore bagerageza gusiga amaso yabo amarange, murabizi. Murabizi, andebesha amaso ameze nk'ay'umuserebanyi, byakabaye byaranteye ubwoba. Maze mvuga nti: "Bert, sigaho." Avuga ati: "Yoo! Mwebwe ababwirizabutumwa, inkoko zanyagiwe!"

72 Rero twari… Nabyutse nkererewe kuri iyi ncuro. Kandi iriya "mirizo y'umweru" yo mu Majyaruguru… Iyo "ndonyi y'ikimanye", izaza ikugereho, ariko nta nyamaswa n'imwe yo muri ziriya. Igihe cyose yabaye, ari… Uvuga ko Houdini ari umunyabugeni uhindagurika, ni utarabigize umwuga wagereranya na bo. Rero byari impitagihe kandi bari bamaze kuzirasa. Kandi izo ndonyi zari zihishe munsi, zirisha ninjoro, ku mwezi, hanyuma zikaryama bukeye. Twaragenze tugera mu mpinga z'ikoro rishaje rya Jefferson, mu mpinga z'Umusozi Washington. Hari urubura rufite umubyimba upima cm 15 uvuye ku butaka, igihe cyiza cyo kugenzura; nta n'uburari bwabonetse. Avuga ati: "Urabivugaho iki, Billy?"

Mvuga nti: "Ziri… Buriya, wazihabishirije kure ya hano, n'izo mitarayeze uzirashisha."

73 Ni uko, turakomeza. Igihe kimwe, ahagana saa tanu. Twari dufite rimwe mu macupa ya terimusi ryuzuye shokola ishyushye. Mu gihe waba ukomeretse, cyangwa ikindi cyose, bikongeramo imbaraga, n'agasanduwici. Rero, byari ahagana saa tanu cyangwa saa tanu n'igice, ni ko nkeka, twageze mu gahinga kangana n'iyi nyubako, hatagira igiti. Rero aratura, muri make, yegeka imbunda ye ku giti, arahindukira. Maze ntekereza ko yari agiye gushaka icupa rye rya terimusi. Ntekereza nti: "Sawa, tugiye gufungura."

Ubusanzwe, iyo tugeze mu mpinga z'umusozi, turafungura, maze umwe akajya ukwe, undi ukwe, hanyuma tukagaruka. Kandi twari tuzi neza inzira ihegereye. Kandi iyo twabaga tubonye indonyi, twarayirasaga, kandi twabaga tuzi rero, twaragendaga maze tugafatanya kuzigeza imuhira. Rero, natekerezaga byonyine ko yari agiye gufata ifunguro rye, maze tukitandukanya kuko twari tugeze aho ibiti byasaga n'aho bigarukira. Rero…

74 Ajya inyuma. Maze ntangira gushaka terimusi yanjye, no gushaka shokola yanjye, maze ntangira kuyikura mu ishakoshi yanjye ntya. Maze avana ifirimbi ye ishaje mu mufuka, maze ayivuza n'imitsi y'ijosi yareze. Maze yongera kundebesha amaso nk'ay'umuserebanyi, hanyuma yongera kuvuza ya firimbi. Kandi ubwo yavuzaga iyo firimbi, nko ku ntera yo kugera kuri iyi nyubako, indonyi y'ingore nziza irabaduka.

Noneho, niba bamwe muri bashiki bacu batabizi, iyo yari indonyi y'imbyeyi. Kandi murebe, iyo firimbi yari akanyana k'indonyi, kandi karatabazaga, maze iyo mbyeyi nini iravumbuka. Kandi ahagana saa tanu za mugitondo, ujya guhiga indonyi wese azi ko ari igihe kibi. Ziba ziryamye.

75 Rero iravumbuka maze irarangaguzwa. Narayibonaga neza cyane. Arankebuka maze yongera kuvuza ifirimbi. Kandi aho guhunga, irushaho kujya ku karubanda.

Noneho, ntibisanzwe. Ntizikora ibyo. Buri muhigi arabizi. Kandi ntizibikora. Ariko iza yemye. Kubera iki? Yari imbyeyi; hariya hari akanyana. Byari, biri mu maraso kuba umubyeyi, kandi ako kanyana…

Hanyuma Bert areba hasi, azinga imbunda ye. Kandi umurashi kadahusha. Hanyuma mbona aciye bugufi atya, kandi nari nzi ko yari agiye gusandaza umutima wayo w'umunyakuri, awuhinguranya impande zombi, impeke 180, isasu rifite ishusho y'igihumyo. Kandi natekerezaga nti: "Byashoboka bite ko ubikora, Bert? Byashoboka bite ko uba mubi, ugasohora iyo mbyeyi y'indonyi hanze, hanyuma ukayisandaza umutima mu gihe igerageza kubona inyana yayo? Byashoboka bite ko uba igihanjuzi byo gukora ikintu nk'icyo?" Kandi nabitekerezagaho. Hanyuma mbona yisubiraho atya.

76 Kandi sinashoboraga, sinashoboraga kubireba. Byari bikabije mu by'ukuri. Ndakeka ko ndi inkoko inyagiwe. Hari icyo nari nteye umugongo, kandi natekerezaga nti: "Mana, byashoboka bite ko abikora?" Ni gute ikiremwamuntu cyashobora kuba kibi byo gukora ibyo, gusandaza umutima w'iriya mbyeyi y'indahemuka?

Noneho, nta bwo ari ibyo yageragezaga kwigira. Ntiyiyerekanaga. Yari imbyeyi. Yabonye umuhigi ubwo yashyiraga imbunda ye hasi, ariko yaba yarahunze? Oya, Mugabo. Inyana yayo yari mu kaga, ah'ubwo yageragezaga gutabara inyana yayo.

Kandi hari icyo nari nteye umugongo, nk'uko navugaga, kandi nari ntangiye. Mvuga nti: "Mwami Imana, byashoboka bite ko abikora?" Naritegerezaga, kandi nari ntegereje, ntegereje, imbunda ntiyavuga.

Narahindukiye maze ndareba kandi imbunda yari imeze itya. Ntiyashoboraga kuyikomeza. Arahindukira, amaso ye manini nk'ay'umuserebanyi yari yahindutse, amarira yatembaga ku matama ye. Ajugunya imbunda ye hasi, maze avuga ati: "Billy, ndabirambiwe. Nyobora kuri uwo Yesu uvuga."

77 Kuri uwo mubyimba w'urubura, muyobora kuri Kristo. Byavuye ku ki? Yabonye ikintu gifatika, yabonye ikintu nyakuri. "Nibaceceka, n'amabuye azarangurura." Iriya mbyeyi nta cyo yavugaga. Yari imbyeyi nyakuri. Uko byaba urupfu kose, cyangwa icyo byaba cyo cyose, yari ihanganye n'urupfu izi by'ukuri ko igihe icyo ari cyo cyose iryo sasu ryajyaga kuyisandaza umutima, ah'ubwo yashakishaga inyana yayo.

Yoo, iyo aba twashoboraga kuba Abakristo nk'uko iriya ndonyi yari imbyeyi. Kubera iki? Yavutse ari imbyeyi, yavukiye kuba imbyeyi. Twavukiye kwizera Ijambo ry'Imana. Twavukiye kwizera Yesu Kristo. Twubike imitwe yacu.

78 Ni bangahe bari hano none aha baba bashaka kuzamura ibiganza kandi bashaka kuvuga bati: "Mwenedata Branham, by'ukuri, nifuzaga kuba uburyo bw'Umukristo nk'uko iyo ndonyi yari imbyeyi. Ndifuza ko umutima wanjye wuzura Kristo ku buryo nahangara icyo ari cyo cyose kandi nkaba Umukristo nyawe nk'uko iriya ndonyi yari imbyeyi. Nda-… ni buriya buryo bw'umwitozo nifuza"? Mwaba mushaka kuzamura ibiganza? Imana iguhe umugisha. Ni byiza. Imana iguhe umugisha. Ibiganza byinshi bizamuye hose. Ndashima ko hari icyo mugira gifatika kibatera kwizera.

Murabona, byajyaga kumera bite iyo muba mutizera? Ntibiba biteye agahinda, kubona umutizera ahantu umutima we uba winangiye, ku buryo atashobora kwizera habe na busa, aciriweho iteka, agiye, arimbutse, atagira icyo amenya na busa muri ibyo, atazi igihe urwo rupfu rwamukomangira ku rugi? Ugomba gusohoka maze ukinjira mu Iteka.

79 Kandi Yesu yavuze ati: "Umuntu ni atavuka bundi bushya", (kandi ni adahinduka Umukristo nk'uko iriya ndonyi yari imbyeyi) "uzaba udateze kuzabona Imana… Uzaba urimbutse, uko umubare w'amadini waba waragiyemo waba ungana." Yavuganaga n'umutware w'umunyedini wa kiriya gihe, Nikodemu, umusaza w'imyka 80, maze Amubwira ko yagombaga kuvuka ubwa kabiri, ko yagombaga guhinduka uburyo bw'Umukristo nk'uko ya ndonyi yari imbyeyi.

Haba hari uhari utari wazamuye ikiganza, uzi by'ukuri ko turi mu Bwiza bw'Imana, ubizi kandi uvuga ati: "Ndi umunyabyaha"? Iyo wimenye nk'umunyabyaha uba wamenye ko uri mu Bwiza bw'Imana.

80 Ariko iyo utazi ko uri mu cyaha, Bibiliya ivuga iti: "Uri umutindi." Muri iki gisekuru, itorero ryajyaga kuba "iritindi ryo kubabarirwa, kandi ari irikene n'impumyi ndetse ryambaye ubusa; rikaba ritanabizi."

Tekereza byonyine niba umugabo cyangwa umugore yari ari mu muhanda, ari umutindi wo kubabarirwa, umukene, impumyi kandi yambaye ubusa, kandi washobora kubabwira ko bambaye ubusa, kandi bajyaga kugutega amatwi; ariko byaba bimeze bite niba bambaye ubusa batanabizi? Ubuzima bwabo bwo mu mutwe bwaba buhagaze bute?

Sawa, noneho, ni icyo gihagararo cy'umwuka tuvuga: Mu buryo bw'umwuka abantu ni impumyi, abatindi bo kubabarirwa, abakene, bambaye ubusa imbere y'Imana, batanabizi, abanyabyaha bagerageza kwifubika amababi y'imitini y'idini.

Waba ushaka kuzamura ikiganza, undi? Imana iguhe umugisha. Ni ukuri. Uwiteka aguhe umugisha. Mbere y'uko u-… Wenda uri umunyamahanga hano, ukaba utarabona aho Imana igira icyo ikora. Ariko mbere y'uko ugira icyo ubona, wowe, ukomeza kuvuga uti: "Ngiye kubyemera nshingiye ku Ijambo. Nzi ko hano hari Uruta Salomo; Mwuka Wera ukomeye w'Imana ari hano. Ndamwumva. Ngiye kuzamura ikiganza cyanjye. Ndi umunyabyaha; ngiye gusaba agakiza."

81 Dawe wo mu Ijuru, ha umugisha abazamuye ibiganza. Dusabye ngo impuhwe Zawe zihabwe abanyabyaha. Ni… wenda bafite urusengero babarizwamo. Ariko ntibivuze ko atari abanyabyaha. Kandi bazamuye ibiganza byabo; barashaka gukizwa. Mwami, hari Icyari kiri iruhande rwabo. Bamenye Mwuka Wera, hariya. Kandi bamenye ko yari Imana, kandi Icyo cyababwiraga ko - ko batabonye uwo mwitozo bakagombye kuba bafite, hanyuma bazamura ibiganza byabo.

Wavuze uti: "Uzaza aho Ndi, Sinzamusubiza inyuma na hato." Kandi nzi ko ari ukuri. Wavuze muri Yohana Wera 5:24 uti: "Uwumva Amagambo Yanjye akizera Uwantumye, aba afite Ubugingo Buhoraho kandi nta Teka ateze kuzacirwaho, ah'ubwo aba avuye mu rupfu ageze mu Bugingo. Uza aho Ndi, Nzamuha Ubugingo Buhoraho, Nzamuzura ku munsi w'imperuka." Dawe, ayo ni Amasezerano Yawe.

Ndasaba buri wese muri bo. Wenda Abakristo bake, Mwami, bagerageza kugenda mu buzima, bagerageza kubaho biruseho buri gihe, kandi bifuza umwitozo w'ingendo iruseho, na bo bazamuye ibiganza byabo. Dawe, ngusabye kubaha umugisha. Babashe kubona uko Kunyurwa Kuzuye muri uyu mugoroba muri Kristo, Ijambo ryiyambitse umubiri wa kimuntu rwagati muri twe. Bidukorere, Mwami. Ndabakweguriye, mu Izina ry'Umwami Yesu Kristo. Amina.

82 Imana ibahe umugisha. Kandi igihe mwicaye, mutuje, murabona, akanya gato… mbega byiza! Maze kurenza igihe cyanjye ho iminota itanu ubu. Nimumbabarire, nta bwo nari ngendereye kubarambira. Ndababwiye, dutegereze akanya gato, munyongere indi minota itanu niba mubishaka.

Ni bangahe bazi Icyo Imana yari cyo? Tuzi icyo Bibiliya ivuga ko Yari cyo, kandi Bibiliya ivuga iti: "Uko Yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko Akiri kandi ni ko Azahora iteka ryose." Kandi Yesu yavuze muri Yohana Wera mu gice cya 14, ku murongo wa 12, Avuga ati: "Unyizera, imirimo Nkora na we azayikora." Si ingirwamwizera, ah'ubwo "Unyizera." Byaba ari ukuri, Benedata bagaragu b'Imana? Ni ukuri. Ni abasomyi ba Bibiliya bangahe bazi ko ari ukuri? "Ijuru n'isi bizashiraho", ariko Amagambo Yayo ntateze kuzananirwa. Ni isezerano Ryayo.

83 Noneho, nta gushidikanya ko hari abantu barwaye muri mwe hariya hanze. Nta ho nigeze mbamenyera habe na busa. Kandi kugira ngo mpamye ibyo navugaga mu kanya, nka Marayika w'Uwiteka mu bihe byatambutse, Yesu yavuze ati: "Nk'uko byari bimeze mu bihe bya Loti, ni ko bizamera mu bihe byo kuza k'Umwana w'umuntu." Mwaba mubasha kubona ibyo navugaga, ayo mazina n'ikindi kintu cyose mu mwanya, Itorero ryicaye nk'uko bikwiye, mwaba mubasha kubibona? Noneho sinshidikanya ko mwasomye hagati y'imirongo ibyo ntavuze, murabona icyo nashakaga kuvuga. Noneho, niba abantu bari hano imbere, mwebwe murwaye kandi mufite ibyo mubura…

Hano, ndahamara iki? Kuki naba hano mpagaze nk'umushukanyi? Niba nakoraga ibyo, none ni iki Imana izamaza? Kandi sinzi niba ndi bubeho ninjoro, na we sinabimenya. Ariko umushukanyi, dushaka kuba… Byaba bimaze iki kuba umushukanyi igihe ushobora kuba uw'ukuri? Ariko, murabona, bibabereye ibidasanzwe.

84 Noneho, murebe, niba mvuze ko ibi Byanditswe bigomba gusohora, Ibyo nasomye nkanabereka mu majoro abiri atambutse, icyo Yesu yari cyo, icyo Ubwiza Bwe buri cyo none aha! Kandi bizwi ko Azagaruka mu bihe bya nyuma, turabizi, mu mubiri wa kimuntu, kandi Akazimenyekanisha mu buryo bumwe. Turabizi twese. Mbese twaba tubibona? Nimuvuge muti: "Amina" niba ari ko bimeze. [Iteraniro riti: "amina."-U.I.] Ni ukuri. Noneho, kugira mbagushe neza, mbabwiye - mbabwiye ibi, mu Izina Rye nti: Iri hano, ya Mana yamanukiye kandi Ikavugisha Aburamu, Iyateye ihema umugongo, na we Sara mu ihema, Ikamenya ibyo yatekerezaga.

Yavuze bimwe n'ibyo yavuze ubwo Yazaga ino. Yitegereje iteraniro maze Akurura ibyo ibyari mu mitima yabo. Umugore umwe akora ku mwenda We; Areba hiryo no hino kugeza Amubonye, maze Arabimubwira.

85 Impumyi Barutimayo ikora ku mwenda We, ubwo yatakaga iti: "Wowe, Mwana wa Dawidi, ngirira impuhwe", ahagaze muri metero 200 z'aho Yanyuraga. Ukwizera kwe guhagarika Umwana w'Imana mu nzira, Arahindukira, maze Avuga ati: "Nimumunzanire."

Zakayo mugufi yihisha mu giti, ntiyizeraga ko Yari Umuhanuzi habe na busa. Kandi Yesu yaromboreje amusanga, Ahagarara munsi y'igiti, Arararama maze Avuga ati: "Zakayo, ururuka", Amuhamagara mu Izina.

Ubwo Yesu atari azi Petero, kandi Andereya yari yahamuzanye. Ubwo Yamubonaga aza, Yamubwiye ati: "Witwa Simoni. Uri umuhungu wa Yona", Amubwira izina rye, Amubwira uwo yari we. Abwira Natanayeli aho yari ari, ibyo yari yakoze.

Wa mugore, ubuzima yari abayemo, icyo ikibazo cye cyari cyo, uburwayi bwe.

Ni Imana, ncuti zanjye! Ni bangahe bizera ibyo n'umutima wabo wose, muvuga muti: "Igomba kuba ari Imana"?

86 Ni bangahe muri mwe hano bazi ko ari nta cyo mbaziho? Nimuzamure ikiganza, maze muvuge byonyine muti: "Nzi ko uyu mugabo ari nta na gito anziho, ni umugabo byonyine"? Ni cyo ndi cyo, Mweneso byonyine. Mbeshejwe hano no kugerageza kubafasha.

Ariko ndavuze! Ni bangahe bamaze gusoma igitabo cyanjye n'ibindi…? Mwebwe, murabizi, mwaba mwizera ko ibi ari iby'Ukuri? Turi mu bihe bya nyuma. Kandi noneho, Umwami Yesu adufashe.

Kandi niba Yashakaga kuza muri uyu mugoroba… He kugira uwo muri mwe unyeganyega. Mugume gusa mu ntebe mwicayemo, kandi mwizere, kandi Umwami Yesu ari buze muri uyu mugoroba guhamya ibyo Yavuze, ibyo Yasezeranye. Abaye Abihamije nk'Ukuri, uri bumwizere? [Iteraniro riti: "Amina".-U.I.]Izere!

87 Dawe wo mu Ijuru, noneho, nakuvuze, uwo Wari we, uwo Uri We, noneho, Waba ushaka kwinjira mu rubuga? Kandi bariya bantu bicaye mu iteraniro, abatagira icyo baziranyeho na gito, Waba ushaka kutwimenyesha muri uyu mugoroba, Mwami, kugira ngo tumenye ko ibi Byanditswe byasohoye, ko "Yesu Kristo uko Yari ari ejo, n'uyu munsi ari ko Akiri, kandi akaba ari ko azahora iteka ryose"? Rero, niba turi

mu bihe bya nyuma, nk'uko Yabigenje muri biriya bihe by'i Sodomu mbere y'uko umwana wasezeranijwe Aburahamu, sawa, urubyaro rwa cyami rw' Aburahamu utegereje Urubyaro rwa cyami, bimwe, rwakagombye kubaho. Kandi murebe, n'ahantu, igihe, amazina, kandi byose biboneye ku murongo. Dawe, dufashe, dusabye mu Izina rya Yesu Kristo. Amina.

88 Noneho, ndashaka ko musenga, umuntu wese muri mwe. Ikibi cyose… Musabe, byonyine. Noneho, ni We Mutambyi Mukuru.

Abagaragu b'Imana bari hano muri iki cyumba ni bangahe? Nimuzamure ikiganza, hose? Ntekereza ko hari nk'ibiganza 30 cyangwa 40. Noneho, ni bangahe muri mwe bazi ibi, ko Igitabo cy'Abaheburayo, Isezerano Rishya, hatubwira ko ubu nyine "Yesu Kristo ari We Mutambyi Mukuru ushobora kwifatanya na twe mu mibabaro yacu"? Mwaba mushaka kuzamura ibiganza maze mukavuga muti: "Nzi ko ari Ukuri. Bibiliya ni yo ibivuga"? Ni ukuri. Ni byiza cyane.

Rero, ni We Mutambyi Mukuru, uko Yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko Akiri kandi ni ko Azahora iteka ryose. Rero, ni umukoraho muri uyu mugoroba, Yakagombye gukora nk'uko Yabigenje mu bihe byatambutse. Byaba ari iby'Ukuri? [Iteraniro riti: "Amina."-U.I.] Nk'uko Yabigenje ejo.

89 Sawa, ubwo uriya mugore yakoraga ku mwenda We… Uvuga uti: "Yoo! Ah'ubwo iyo njya kubishobora!" Ukwizera kwawe kumukoraho. Ikiganza nta cyo Yigeze kumva. Kwari ukwizera k'uriya mugore kwakoze ku mwenda. Ukwizera kwawe gushobora kumukoraho noneho. Waba umwizera?

Rero, niba Ijambo ry'Imana rigaragaye, Izahishura icyo kintu kandi Izerekana bimwe. Waba umwizera n'umutima wawe wose? Ni byiza, noneho, nimumwiringire, mumwizere. Mwe gushidikanya na busa. Ah'ubwo mwizere Imana, ko Izabikora. Umuntu umwe hano, nimusenge byonyine kandi mwizere byonyine n'umutima wanyu wose, hanyuma umuntu runaka muri iki cyerekezo. Kandi niba Imana yemereye umuntu umwe cyangwa babiri ko mumenya ko ari nta cyayinanira, ni bangahe muri mwe bazizera rero ko turi mu Bwiza Bwayo? Rero, nta kindi kitubereye ngombwa. Nta kindi kitubereye ngombwa.

90 Umugore wicaye hariya, turebana, urwaye umutima, waba wizeye ko Imana iri bukize umutima wawe? Ufite uburwayi bw'umutima. Niba ari iby'ukuri, zamura ikiganza? Naba nkubereye uwo utazi, nta ho nkuzi? Ariko ni ukuri, ni byo, wowe wa mugore we, uriya mugore ufite imisatsi y'imvi. Ni byiza cyane.

Umugore wambaye iby'icyatsi, wazamuye ikiganza cyawe, hariya, ko u-… Ikibazo cyawe ni icya rubagimpande. Waba wizeye ko Imana igiye kugukiza uburwayi bwa rubagimpande? Niba ari ukuri, zamura ikiganza. Murabona? Ni byiza cyane. Sawa. Murabona? Amaze gukuraho… Noneho hari Ikintu cyaje hejuru yawe, si byo? Murabona uriya Mucyo? Ni bangahe bamaze kubona ifoto y'uyu Mucyo? Buriya, Uri hejuru y'uyu mugore. Muri ako kanya, amarangamutima meza afatika yakujeho. Ni wa Mucyo wabikoze, murabona? Imana yaguhaye umugisha, Yagukijije. Waba ubyizera?

91 Waba wizera ko Izi ikitagenda muri wowe? Yonyine, ni Yo ishobora kugukiza. Ni igicucu cyijimye, igicuri. Niba ari iby'ukuri, zamura ikiganza cyawe, wa mukobwa we. Uratekereza mu buryo bunyuranye n'ubwo watekerezagamo mu kanya, si byo? Urabona, ubwo nahagarikaga iri hamagara, nkora ibyo. Byari ku bw'iyo mpamvu, byari ku bwawe. Noneho, niba ugiye kwizera n'umutima wawe wose, uko guhindurwa kurakuvaho. Waba ushaka kumwakira no kumwizera n'umutima wawe wose? Imana iguhe umugisha. Igendere, uyizere.

Uyu mugore wicaye hano, urwaye igifu, waba wizeye ko Imana igiye kugukiza? Wowe wicaye hano, ku ruhande, waba wizeye ko Imana iri bugukize ubwo burwayi bw'igifu? Waba ubyizeye? Waba umwakiriye? Ni byiza cyane. Imana iguhe umugisha.

Uyu mugore tumeranye nk'abanyamahanga, nta na hato muzi. Ni umugore wicaye hariya byonyine, ariko Imana yo iramuzi. Waba wizeye n'umutima wawe wose, noneho? Ni byiza cyane, izere gusa.

92 Uyu mugore wicaye hano ku ruhande, urwaye agasabo k'indurwe. Ufite amabuye mu gasabo k'indurwe, mu mwijima, birakubandagaje. Niba ari iby'ukuri, zamura ikiganza; nkubereye nk'umunyamahanga, niba ari iby'ukuri. Murabona?

Umugore ukwicaye iruhande, na we ararwaye. Wurebe, ntubasha kubona uyu Mucyo uri hejuru y'uyu mugore? Uyu mugore afite ikibazo cy'impyiko. Ni byo, zamura ikiganza. Umugore umaze kugukoraho, afite uburwayi bw'imyakura. Mwembi mumbereye nk'abanyamahanga, ntimuri ab'ino. Ni byo, si byo? Muturutse muri Iowa. Muri abo mu murwa wa Des Moines. Ni byo, si byo? Mwaba mwizeye ko Imana ishobora kuvuga uko witwa, nk'uko Yabikoreye Petero? Niba ugiye kwizera n'umutima wawe wose! Witwa Muka Wolff. Ni byo, zamura ikiganza cyawe. Ni byiza cyane, itahire wakize, noneho, Yesu Kristo aragukijije.

Mwaba mwumva ko muri mu Bwiza Bwayo? Mwaba muzi ko Iri hano? Rero kuki - kuki mutarambikanaho ibiganza noneho, mu gihe Mwuka Wera abariho. Noneho, buri wese muri mwe ashobora gukira, niba mubyizeye byonyine. Mwaba mubyizeye n'umutima wanyu wose?

93 Dawe wo mu Ijuru, nta kindi nsigaranye uretse kwizera. Twanze noneho uburyo bw'umwijima bwose. Ubwo ububyutse, nk'uko nabivuze mu ntangiriro, umuhengeri umanukira ku mazi ngo uyabirandure, ngo uyakuremo kutizera; noneho, mu gihe Mwuka Wera ariho akora hirya akora hino muri aba bantu, ukutizera kose kubakurwemo, maze Imbaraga z'Imana Ishoborabyose zibohore ubabaye wese muri uyu mugoroba.

Ncyashye Satani. Satani, uri umunyabinyoma gusa, kandi urandagajwe mu bantu, n'Ibyanditswe Byera bya Yesu Wazutse. Ndagutongera mu Izina rya Yesu, Imana Nzima, va muri ubu bwoko kandi ubarekure bagende, ku bw'ikuzo ry'Imana.

Mwese abakiriye ugukira kwanyu, nimuhaguruke noneho, maze muvuge muti: “Ndizera rwose. Icyaba cyose, igihe byafata cyose, mpora nzi ko ngiye gukira? Mbyakiranye umutima wanjye wose.”

Nimuzamure ibiganza noneho. “Urakoze, Mwami.” Nimuhimbaze Uwiteka. Ni byo, nimumuhimbaze noneho, muzamure ibiganza byanyu byonyine maze mumuhimbaze ku bwo gukira kwanyu, nk'uko mubigenza mu nsengero zanyu.

MESSAGE hub online
www.messagehub.info

Ibibwiriza bya
William Marrion Branham
"...mu minsi y'ijwi ..." Ibyah. 10:7